N° 11

# IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

KA02 1259


SONDAGE/OPINIONS SUR LES MEMBRES DU COMITE CENTRAL DU MRND

AHO ABAGIZE KOMITE NYOBOZI YA MRND BAZAHANGANA N'IBIHE TUGEZEMO!!!

Dore amazina y'abagize Komite Nyobozi ya MRND






Rutamulika Afisa Sefu MAGURU

# ARI IJAMBO, ARI NA KANGURA, INKOTANYI YABA NDE?

B.P.Y.1

## SONDAGE/OPINIONS SUR LES MEMBRES DU COMITE CENTRAL DU MRND

Gisenyi

**BIMENSUEL INDEPENDANT**
**EDITEUR : GISENYI-INFO**
**REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO**
**B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI**

N° 11

*Abonnement annuel :* *Rwanda : 2400 FRW*
*Afrique : 4400 FRW*
*Europe : 5000 FRW*
*Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI*

Tél. 40625 - GISENYI
73586 - KIGALI
FAX 40519

# VIVE LA DIFFERENCE! LA NAISSANCE DU NOUVEAU MOUVEMENT DEMOCRATIQUE REPUBLICAIN SERAIT-IL UN BON LEVAIN AU PLURALISME POLITIQUE AU RWANDA?

KA02 1260

**Vive la Différence!! Débat contradictoire**

## La Presse Nationale concrétise une opinion Nationale

*Kangura a été ces derniers temps la tête noire pour certains, source de vérité et réacteur d'examen de conscience pour plusieurs sinon la majorité de nos lecteurs. Au stade où nous en sommes plusieurs de nos lecteurs se posent beaucoup de questions sur ce qu'est Kangura, ce que veut Kangura et pour qui écrit Kangura. Pour être concis, une question se dégage de toutes: Pour qui travaille Kangura et à quelle fin?*

*Pour y répondre Kangura est obligé de se deshabiller, de se découvrir. Erreur de tactique? Non. Kangura a montré sa vraie face depuis longtemps, depuis sa création. Le fait que son Rédacteur en chef, son Directeur géniteur ait travaillé dans Kanguka ne veut pas dire en aucune manière qu'il est apparenté aux machinations d'Inkotanyi-Inyenzi.*

*Loin de là. Seuls les Inkotanyi-Inyenzi peuvent oser tenir ce langage qui est propre à leur duplicité vindictive qui veut infiltrer tous les hommes du camps adverse pour mieux les désorganiser. Kangura n'est pas versatile. Sa ligne de conduite est claire. Dans toute sa nudité Kangura ne cache pas ses plaies. Il demande à ses aimables lecteurs qui sont ses médecins de l'en guérir.*

*Dans le débat contradictoire que le nouveau Patron de l'Information Rwandaise soutient et veut voir s'épanouir dans les médias (rencontre des Journalistes au St Paul le 17 février 1991) Kangura n'a pas caché qu'il veut voir naître un mouvement Démocratique soutenu en masse par tous les Bahutu du Rwanda sans exclure que d'autres groupes éthniques puissent y adhérer. Cette grande force peut constituer une majorité écrasante qui, avec toute sa bonne volonté et ses brumes intentions, peut faire du Rwanda un Pays démocratique fier de son présent et sûr de son avenir. Kangura ne refuse pas aux Tutsi ni au Twa le droit de former leur parti ou association politiques démocratiques.*

*Au contraire Kangura aime la différence et la contradiction constructives et comme souligné dns son n° 8 à l'occasion de la fête de la démocratie les autres composantes éthniques de notre pays ont aussi droit d'avoir leur porte parole, qui peuvent être Ijambo, Isibo ou quelque autre organe de Presse. C'est même très bien et c'est ce que nous attendons depuis longtemps.*

*Que ceux qui sont braves se deshabillent et fassent voir leur plaie et qu'ils nous disent comment ils prétendent se faire soigner. Kangura ne veut pas entendre ceux qui disent que dire qu'on est Hutu ou Tutsi ou Twa peut faire éclater le pays. Qu'on nous trouve un autre argument, puisque ce dernier n'est pas de taille à nous convaincre. Avec notre Mouvement démocratique Hutu que nous souhaitons voir naître, nous espérons voir naître un nouveau slogan: Vive la Différence!!!*

*La différence est partout admise et elle est source de progrès. En Amérique du Nord, du berceau au tombeau, le Québec est canadien mais le français est québécois. Au Rwanda, la différence ethnique est réelle mais admise avec timidité ou combattue avec acharnement par ceux à qui elle dérange.*

*Chez-nous, on ne peut pas parler de tribalisme qui n'existe pas. Mais par ailleurs, on ne peut pas nier l'existence des consciences ethniques. Et « Celles ci ne sont pas le reflet d'un stade élémentaire du développement que condamnerait la modernisation ». Certains croient que ces consciences sont sans structures, mais il n'en est pas ainsi au Rwanda. L'UNAR a porté l'étendard des Tutsi, AREDETWA a défendu la cause des Twa et le MDR PARMEHUTU a remporté la victoire sur les deux précedentes après avoir sensibilisé la conscience Hutu de sa condition de dupe, taillable et corvéable à merci.*

*Le MRND qui a remplacé le Parmehutu a voulu effacer ces consciences. Mais en vain! Il a voulu fournir les preuves de nettoyage de ces consciences en favorisant (puisque la minorité tutsi était présente dans l'administration à 45% et dans le commerce et autres secteurs secondaire et tertiaire à 85% au moins).*

*Mais comme on ne peut jamais satisfaire le monarque qu'on détronne, ce n'est pas en favorisant les Tutsi qu'ils perdirent conscience de leur ethnie. Au contraire des structures de ces consciences, existent bel et bien et on les voit remonter à la surface. Le FPR nous a obligé de remarquer sa présence et les Hutu du Rwanda réclament avec Mbonyumutwa Shingiro le MDR PARMEHUTU à renover. Ainsi, avec la guerre d'octobre, les consciences ethniques se cristalisent. Bon gré malgré, les principes, le discours de l'ethnicité paraît obligé.7 février 1991, réunis autour du Directeur de l'ORINFOR NAHIMANA Ferdinand, en s'entretenant au sujet de la sécurité Nationale.*

*Voici un extrait du discours du Directeur de l'ORINFOR que Kangura a retenu de sa communication:*

*« Les hommes de presse, nous devons être extrêmement responsables et vigilants surtout en ces moments où notre pays, malgré les difficultés graves et diverses qu'il traverse, s'avance irréversiblement vers un autre avenir jamais connu dans son histoire, je veux dire, une réconciliation ponctuée obligatoirement de COHABITATION INTER-ETHNIQUE, de cohésion nationale s'exprimant à travers la compréhension inter-régionale et cimentée par l'existence d'une démocratie pluraliste à travers laquelle les opinions s'expriment sans le moindre sentiment d'être epiées ou qualifiées d'opposition destructive ou stérile. Dans la société que je vois venir, le DEBAT CONTRADICTOIRE sera le levain dans la pate du développement harmonieux et intégral du peuple Rwandais.*

*Ce débat contradictoire déjà commencé nous aidera, nous les Rwandais, à avoir confiance en nous en tant que peuple. Le débat contradictoire nous permettra d'avoir CONSCIENCE DE CE QUE NOUS SOMMES nous-mêmes, de ce que nous sommes capables de faire nous-mêmes, de ce que nous pouvons demander aux autres; bref nous aurons conscience de nos vraies dimensions en tant que peuple rwandais, de nos vrais dimensions en tant que membre de la communauté internationale et chacun d'entre nous rwandais estimera autrui à sa juste valeur. »*

*Vive la différence!!*

KA02 1261



# ABASAZI CYANGWA ABANDI BANTU BATAYE UMUTWE SIBO BAGOMBA KUBA URUMURI

KA021261

Kangura nº 9 yasubije Ijambo rya Hangimana F.X. ko ubwo ryemeye kuvugira abatutsi, nta kindi kibazo cyari gisigaye hagati yaryo na Kangura. Kangura ndetse icyo gihe yamenyesheje n'ijambo ko itifuza ko baterana amagambo, cyane cyane muri ibi bihe bibi turimo by'intambara. Impaka zubaka zidasebanya Kangura irazishyigikiye. Gusa rero, Basomyi dukunda, twatangajwe no kubona Ijambo nº 16 itaragize isoni zo gutangariza abanyarwanda bose ko NGEZE Hassan yaba ari Inkotanyi. Kangura yasanze atari ibyo kwihanganirwa. Bibaye ngombwa rero ko yabasobanurira Hangimana uwo ariwe n'impamvu zabimuteye.

Nº 16 y'Ijambo yaraguzwe cyane. Igurwa ku buryo budasubirwaho. Impamvu y'icyo cyashara si iyindi, isesengura buri wese yabashije gukora rya mweretse ko ari ukubera abanditsi bayo bari bibasiye ikinyamakuru Kangura bagamije kugitesha agaciro mu basomyi bacyo cyane cyane Rubanda nyamwinshi yo izi neza akamaro Kangura yayimariye. Nyamara abo banyamakuru barihanukiriye bemeza ko NGEZE Hassan ari inkotanyi ngo, ibyo avuga byose nta kuntu yabimenya atari yo. Ngo NGEZE agamije guhirika ubutegetsi bwa HABYARIMANA amwangisha ibyegera bye. Twebwe twongeye gusobanurira abasomyi bacu ko Kangura ari (bisobanura) Ijwi rigamije gukangura no kurengera rubanda nyamwinshi. Kwitwaza ko twavuze ku ba minisitiri, ndabona atari impamvu Ijambo ryagira urwitwazo kubera ko ubutegetsi ari ubw'abaturage butangwa n'abaturage, bugakorera abaturage. Nta na rimwe, habe na mba, Kangura ntizigera yihanganira umutegetsi utabona inyungu z'igihugu ari zo z'umuturage.

**Kangura yategereje ko Hangimana yivamo:**

Hangimana Frrançois-Xavier ni umuyobozi w'Ikinyamakuru Ijambo. Mu mwaka w'i 1986 yakoraga i Gatagara. Muri Nyakanga y'uwo mwaka, aza gufatwa n'ibisazi ajyanwa i Ndera nk'uko bigaragara muri «Dossiers» za Gisenyi-Info zimwerekeyeho. Muri Mutarama 1989 yaje na none gusara kurushaho maze bongera kumwihutiriza i Ndera. Iyo ncuro ya kabiri yatumye Diregiteri wamutegekaga yandikira Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye amumenyesha ko Hangimana ari umusazi akaba atagomba kongera guhura n'ikaramu kandi akarindwa by'umwihariko umurimo w'uburezi. Uwo muyobozi yatanze «Copie pour information» ahantu henshi. Urwo rwandiko natwe twabashije kurubona muri iyi minsi. Rukaba rwaranditswe tariki ya 13/5/1989. Ruramuhamya ko arwaye mu mutwe, akaba abona ibyo abazima batabona.

Muri uwo mwaka w'i 1989 yagiye kwivuza i Ndera incuro ebyiri. Ubwa nyuma hari mu kwezi k'Ukwakira. Tukaba na byo tubifitiye gihamya. Ku itariki ya 18/9/1989 Hangimana ubwe yandikiye ibitaro by'i Ndera ko byamuhaye igihe gito cyo kwivuza uburwayi bwe bumusaba byibura kumara amezi atandatu mu bitaro. Urwo rwandiko na rwo turarufite, nk'uko dufite izindi zerekana ko «amaburo» yo mu mutwe we yafungutse. Uwaba ashidikanya kuri ibi twanditse, tumusabye kugira ubushake bwo kuza kureba ibimenyetso simusiga muri Gisenyi-Info.

**Yigeze kuzira inyandiko iteranya abakiga n'abanyenduga.**

Ku byerekeye uko NGEZE Hassan yatandukanye n'inkotanyi Ravi, Hangimana na Mutsinzi, dutumiye ufite ayo matsiko, gusoma Kangura nº 1 na nº 2. Cyakora amatsiko azashira neza neza ari uko ahetuye nimero zose uko ari icumi, kuko Kangura yavutse mu bihe byo gutahura inkotanyi n'ibyitso byazo kandi ibyo bihe ntibirabona umwanya wabyo mu mateka: biracyari ibihe ndagihe.

Bigasobanura ko tugitahura ibyitso n'inkotanyi. Ni umusazi, umuntu wese ukoresha ubwenge bukangutse n'ubusinziriye icyarimwe (*la conscience et l'inconscience*). Ibyo bigaragara kuri Hangimana. Icya byemeza ni ugusoma Ijambo guhera ku nº 1 kugera ku ya 16: haganjemo kwivuguruza. Urugero ruri hafi ni Ijambo nº 15 aho avuga ibyerekeye ivugururwa rya Guverinoma riheruka Ngeze Hassan uvugwa muri iyo nimero wakwemera ute ko ari we uvugwa, muri nº 16? Umva ko ari muzima!

Muribuka ko yigeze gufungwa azira inyandiko yari yazindukiye gusubiranyamo abakiga n'abanyenduga none dore arasubiye. Ababanye na we mu burwayi bwe bwo mu mutwe bavuga ko iyo byaganguye abatura ikaramu ariko bibagirwa kongeraho ko muri iyi minsi ayibatutirira guteranya uturere. Ibyo byose akabikora anyuranyije n'amabwiriza y'abaganga kuko bamubujije gusoma no kwandika. Yavuye mu gifungo kubera imbabazi z'ubucamanza kandi na we akaba yari yiyemereye ko ikaramu yari yanyereye. Icyo kirego cyatangaje abacamanza bo bari basanzwe bazi ko, hanyerera umuntu aho kunyerera ikaramu.

Mwarabyisomeye mu nº 16 aho asa nk'uvuga ko ubwenge bw'abazima burangirira aho ubwe butangirira. N'ubundi umusazi wuriye agati gato ubwenge bwe buba bumwereka ko ari igiti cy'inganzamarumbo, kinini cyane mbese.

Isibo ryo mu ntangiriro ya Gashyantare rivuga iby'igitero cyo mu Ruhengeri, mwiboneye ko iyo nyandiko itagamije guhuriza hamwe uduce, uturere tugize u Rwanda. Muri iyo nyandiko harimo uruhare rw'ikaramu ya Hangimana! Banyarwanda banyarwandakazi, umwanzi afite amayere menshi.

Maze rero basomyi, ntabwo tuzongera guterana amagambo na Hangimana utinyuka kuvuga ko Gisenyi na Ruhengeri bangana urunuka, ntabwo ari muzima. Ahubwo uzabona aje kumutaraho amakuru azamwitondere, abanze amubaze ikarita y'i Ndera yemeza ko yakize uburwayi bwe.

Bimenyeshejwe:

- Minisitiri w'Ubucamanza Kigali
- Minisitiri w'Ubuzima Kigali
- Furere Diregiteri w'Ibitaro by'i Ndera.

 KA02 1262

# ARI IJAMBO, ARI NA KANGURA, INKOTANYI YABA NDE?

Ibinyamakuru biba byinshi ariko Ijambo n° 16 nararisomye numva ndivuyeho. Rwose umenya n'umwana w'imyaka itatu yamenya gutandukanya amarere y'Ijambo n'aya Kangura. Umubajije uti ari Ijambo ari na Kangura inkotanyi ni iyihe cyane cyane ko ikinyamakuru kitiranwa na nyiracyo ntiyatinda kuguha igisubizo nyacyo. Rwose Ijambo nirishyire mu gaciro ryikubite agashyi naho ubundi turarifataho ubukotanyi!!!

Mbe Jambo (ntugire ngo nkwise Jambo umwana w'Imana ariko!) ko tuzi imigambi ya **Kangura** ko tumaze kumenya ko **ari «Ijwi** ryarubanda riharanira **kutubwiza ukuri»**, wowe **amatwara yawe ni ayahe**? Uwakwishishaho ubukotanyi ntiyaba yibeshye kuko, tuzi amavu n'amavuko yawe ... Aho ntiwaba warasimbuye Kanguka; nawe wivugiye ubwawe ko Kanguka ari akana k'Impuruza. Ubwo muri make uri umwuzukuru w'Impuruza mu yandi magambo uri Inkotanyi...?

Nizeye ko abantu b'i Ndera bakuvuye bajijukiwe n'ibya «*Psychanalyse*» baba baragusobanuriye icyo bita «*refoulement*», na «*transfert*» muri «*Psychanalyse*» (*refoulement, transfert sont quelques uns des mécanismes de la défense du Moi*). Abo bahanga ntibazatinda kubona ko ibyo uhunga ubyerekeza ku bandi ahubwo ari wowe biriho. Muri make ibyo ubona kuri Kangura ni wowe biriho: bihakane tukubwize ukuri.

**Abayobozi b'Ijambo ni ba gashoza ntambara hagati y'abakiga n'abanyenduga.**

Maze gusoma inyandiko zawe mu Ijambo n° 16 ndetse n'izindi zazibanjirije nibajije icyo Ijambo ripfa n'abakiga. Kubona Lt. Colonel Nsabimana Déogratias ariwe wagiye kurugamba mbere harimo ikibazo ki cya Nkiganduga cyangwa cya Ruhengeri-Gisenyi? Rwose Ijambo urakabije gushaka amahane hagati y'abanyenduga n'abakiga icyo akaba ari ikimenyetso cya mbere cy'ubukotanyi bwawe.

Nta na rimwe hashobora gusohoka n° y'Ijambo itavuzemo ububi bw'abakiga, itabubitseho uruswo cyangwa se ngo ibandarike ku gasozi. Ijambo ntirishobora kwemera ko bene wabo ntacyo babuze, ko bafashwe neza. Nawe se riti nta munyenduga ufite ubutegetsi, ngo ibigo bya Leta byose bitegekwa n'abakiga ngo na minisiteri abanyenduga bari bafite barazibambuye ndetse babura na Minagri.

Yewe ngo: «Ntamunoza!» Ijambo ntiryihanganira ko hari umunyenduga wavugwa nabi. Ese ye ntamunyenduga ufudika? Icyo nasaba abasomyi b'Ijambo na Kangura ni uko bagerageza kumenya ukuri kuba gukubiye muri buri nyandiko, ntibarangazwe n'ubunyerere bw'amakaramu y'abanditsi. Abayobozi b'ikinyamakuru bamenyeko abanyarwanda twifuza amahoro, nta kudufatanya n'inkotanyi.

**Umusazi akagwa ku Ijambo ariko se...?**

Hari umunyakigali wanyarukiye i Ndera agiye gusura mwene wabo wari urwariyeyo, avuyeyo yadutekerereje ibyo yabonye yo turumirwa; yaratubwiye ati koko nibyo «umusazi aravuga, ariko akagwa ku ijambo». Nawe se kubona ubwo yari i Ndera hari umusazi wihanukiriye akabwira undi ati «uritondere mugenzi wawe noneho byatongoye, uyu munsi ubwonko bwe bwarushijeho kuyaga!!»

None munyumvire da, umuyobozi w'Ijambo wari mu mubare wabakorera cyane Kanguka bafatanyije byimazeyo na Ravi akaba ariwe ugiye gushinja Ngeze ngo ni Inkotanyi. Ndumva mbere na mbere yari akwiye kwemera ko nawe ariyo, akabona gushinja mugenzi we Ngeze!

Abakundaga gusoma Kanguka muribuka inyandiko za bariya bagashoza ntambara bo mu Ijambo batangazaga mu kinyamakuru cy'Inkotanyi Kanguka, hanyuma muzigereranye nizo Ngeze yandikaga muri icyo gihe, mwongere muzigereranye nizo bose bandika mu binyamakuru bayobora, murasanga Ngeze atarahinduye tekiniki ye yo kugeza ku basomyi amakuru y'ukuri yo kurengera rubanda.

**Ukoresheje imibare nabyo byakwereka inkotanyi**

Dufate 1 tuvuge ko bingana n'inkotanyi ($1 =$ Inkotanyi).

Abayobozi b'Ijambo bavuga ko Ngeze ari inkotanyi kuko yakoranye na Kanguka ariko tuzi ko yatanye na Kanguka maze akatubwiza ukuri;

niba $1 =$ inkotanyi.

Ngeze yaba ari $1 - 1 = 0$

($1 =$ inkotanyi kuko yakoranye na Kanguka

$- 1 =$ yatandukanye nazo atubwira ukuri

$0 =$ nta bukotanyi bwa Ngeze)

Ku ruhande rw'abayobozi b'Ijambo tuzi ko bakoranye na Kanguka umwuzukuru w'Impuruza ubwo ni Inkotanyi $= 1$ KA021262

Ariko bo ntibaretse imigambi y'inkotanyi ahubwo bakomeje kuzikorera cyane cyane bazirengera bashaka n'imvururu hagati ya Nduga na Kiga ibyo byaduha rero $1 + 1 = 2$

(2 ni ubukotanyi busumbuye ubwa mbere kuko $2 > 1$).

None rero:

Ngeze $= 1 - 1 = 0$ (ntabukotanyi)

Hangimana $= 1 + 1 = 2$

Ngeze (0)

$<$ Hangimana (2)

$0 < 2$ nibyo twagombaga kwerekana (*ce qu'il fallait démontrer*).

Nta kuntu rero abayobozi b'Ijambo bahakana ubukotanyi keretse bashoboye kutwereka ko $0 > 2$ (ibyo byashoborwa n'abarangije Kaminuza y'i Ndera).

**Abayobozi b'ikinyamakuru Ijambo nibashakire ahandi uburyo bwo gukorera amafaranga.**

Maze rero bayobozi b'Ijambo mumenye ko abasomyi bazi kunonosora, niba muri inkotanyi mukaba mutangiye gushinjana umwe akaba abona ubukotanyi bw'undi burengeje kamere turasanga mutangiye guta umurongo w'itangazamakuru. Ntabwo mwagombye gukurura itiku kugira ngo mucapishe umubare munini w'ibinyamakuru byanyu. Muzashake ahandi imitwe yo gukora amafaranga.

Mugomba kuba mwaribwiye ko kubera ko Ngeze rubanda tumwizeye muzamushyira mu kinyamakuru cyanyu kugira ngo kigurwe.

Ntawe ntutse ariko urebye neza nanze imitwe yanyu isigaye iyaga noneho ikaramu ikarushaho kunyerera. Ariko kuki titre za aricles zanyu akenshi ntaho ziba zihiriye n'ibirimo.? n'ubutekamutwe? muzateka amabuye ashye!!!

Ariko i Ndera ntacyo bakora? Kubona umuntu avanga ibintu, ngo Nduwayezu ni Gisenyi Info ikaba Mugabo akaba Baranyeretse. Mbega imvange z'umurwayi!

**Nta bukotanyi buruta ubwo kwirahira umwami muri iki gihe?**

Ariko se ra? Tuzahanuze he? Aho mwabereye koko hari umuntu wari ukwiye kwirahira umwami kuri iyi ngoma, abona naho inkotanyi zitugejeje? Niba umwirahira ko yaguhaye inka i Kayenzi ni uko uri umuyoboke we. Ubwo se ntubaye

*Komeza ku rup. rwa 5*

KA02 1263



KA021263

# DEMOKARASI, ABANYAMAKURU N'ABATEGETSI.

Umuyaga wa demokarasi uranga ukihata u Rwanda. Kandi ni mu kuri kuko inyota yawo abanyarwanda bayifite kuva ku ngoma ya cyami.

Mu gushaka gushimangira imizi ya demokarasi ubutaka bumwe bufite ifumbire bwaremeye. Ariko hari ubundi bugizwe n'amabuye umuzi udashobora gushibukiramo. Gutera imbuto ya demokarasi byahuye kenshi n'ubwo butaka bubiri icyakora amahirwe make atuma ibuye rirusha ifumbire n'amategeko kuremera. N'uko rirabeta aho kugira ngo rishibukishe igiti.

Iyo umuntu yitegereje inyandiko zerekeranye n'iyo nkubiri ya demokarasi yibaza umwanya w'abanyamakuru n'abategetsi tumaze iminsi twarahawe (mbere ya 4/2/1991). Umujinya, amakimbirane n'ibindi byaranze ubwo butegetsi amanywa ava kugeza aho umuntu yibaza niba ubutegetsi Perezida HABYARIMANA yashinze kuryoshya ibintu bukora neza imirimo ya politike bushinzwe. Hagati ya bamwe mu banyamakuru ikintu kimeze nk'amakimbirane nacyo kijya kigaragara. Icyakora ayo makimbirane ashingiye ku bitekerezo.

Ku bwanjye ntawe ugomba kubeshya Umukuru w'Igihugu ngo umutekano umerewe nabi kuko NGEZE Hasani, Faransisiko Xaveri HANGIMANA, SIBOMANA Andereya, Feresiyani SEMUSAMBI, Garikani MUGABONAKE, H.B HABYALIMANA, Pawulo MBARAGA batanze ibitekerezo byamagana imikorere y'ubutegetsi ubu n'ubu aho gushimagiza amakosa azwi kandi yashegeshe igihugu. Ahubwo iyo niyo demokarasi bwisanzure H.B HABYALIMANA avuga. Ni ukuvuga itayunguruye ahubwo itanga umusururu w'ibiteri kuko byose bikundwa kandi byose bitunga umubiri. Ari Minisitiri, ari Perefe ari ibiro by'iperereza ntawe ufite uburenganzira bwo guhitiramo umuturage ibyo asoma cyangwa atanga ho ibitekerezo bitwaje umwuka mubi. Kunyura muri iyo nzira ni ukwerekana ubwoba bwa demokarasi isaba mbere ya byose kubahiriza uburenganzira bw'umuntu.

**Gusuzugura abanyamakuru ni ugusuzugura demokarasi n'ubutegetsi bwayo.**

**Abantu bose bashaka gu**kora poliki no **kuzamura igihugu** bazirikane ko itanganzamakuru ari igipimo cya demokarasi. Nerekanye ko iyo demokarasi yubahirizwa mbere y'ukwezi k'Ukwakira 1990 abategetsi b'inyangamugayo bagakurikira ibinyamakuru (Kinyamateka, Kangura, Umuranga) aho kubiniga nta ntambara tuba dutunze. Inama umubyeyi yirukankamo avunika, imishyikirano n'ibindi byose biba byarakozwe mbere y'amaraso yo mu Mutara, mu Ruhengeri, Kibilira n'ahandi.

Uretse icyitso n'uwo gitegeka, gihatse cyangwa cyaroze nta muntu n'umwe ufite mu mutwe hazima watinyutse gufunga NGEZE na RAVI bavugaga, umwe avuganira ishyaka rye undi yamagana uburyo rizakoresha (intambara) kuko bumena amaraso. NGEZE ati «intambara irategurwa». Icyitso gikomeye mu butegetsi kiti» Nibafunge uhungabanije umutekano. Ni RWIGEMA se? Ni BUNYENYEZI se? Ubwo ibuye ryari rimaze kumenyekana. Nti ryagomba kwica isuka. Ariko byarabaye?

NGEZE Hassan aburana yasabye umudari. Arawukwiye, kandi iryavuzwe ryaratashye none gusuzugura ibinyamakuru bitumye u Rwanda ruhomba za miliyoni n'abantu benshi. Umuntu wagize uruhari mu gufunga, kwamagana no gusebya umuhutu NGEZE wavugaga ukuri aburira guverinoma y'u Rwanda agatuma ikora amakosa nkariya yo gutungurwa yakoze icyaha kiruta icyabafashe imbunda. Byaragaragaye ko abantu baririmbaga baririmba uburenganzira bw'ikiremwamuntu aribo bafunze cyangwa bafungishije abanyamakuru. Bityo bakaba basebeje ubutegetsi bwababakijije kugeza aho bamwe bavuga ko Kangura atari ikinyamakuru ahubwo ngo ni igipapuro. Biteye ubwoba n'agahinda muri politiki yitegura amashyaka menshi n'ibitekerezo byinshi.

Kugeza ubu abo bantu ntibarisobanura kimwe nawa wundi Perezida wa Repubulika yashinze kuba umuvugizi wa Leta akamusuzugura ahunga abanyamakuru kuva mu kwezi kwa cumi 1990 kugeza tarikiya 4/2/1991 (amezi ane). Ko yari azi ko atabishoboye iyo yegura atagombye kutubabariza Umubyeyi amuteza rubanda? Ntawugomba kurota yanga abanyamakuru bitangiye igihugu cyangwa abeshya Umukuru w'Igihugu.

Byaragaragaye ko bamwe mu bo Perezida yizeye nta cyizere bakwiye (mbere ya 4/2/1991). Ahubwo n'abanzi babi bakwiye kubarirwa mu rwego rumwe na Saddam Hussein wa Irak.

**Isomo ku bategetsi bashya.**

Ibyakozwe n'abanzi b'itangazamakuru bikwiye kutubera isomo rikomeye kubera ingaruka mbi byateye u Rwanda. Abategetsi bashya bagomba gusesekaza demokarasi itayobowe kandi itayunguruye. Bagomba kutongera gukurikiza ibya bagenzi babo bababanjirije mu byerekeye demokarasi. Kugira ubwoba bw'ibitekerezo bidahuye n'iby'umutegetsi bikwiye kureka kwitwa agasuzuguro no gushira isoni. Impamvu ni imwe: nta cyemezo ko Minisitiri, perefe n'abandi barusha rubanda ibitekerezo. Bose baruzuzanya maze umutegetsi akabirundanya akabibyaza politiki y'igihugu.

*Gallican MUGABONAKE*
*E.T.O. GATUMBA*
*B.P. 12 Gitarama*

---

*Ibikurikira urup. rwa 4*

inkotanyi si wowe wabitwibwiriye? Hari aho biriya bitaniye na babandi biyanditseho «*Harakabaho Kigeli V*» cyangwa ngo «*Vive Kigeli V*»? Wakotana wakotana urakangara a....! Umugani wa wamukecuru?

Ariko aho wari uziko abanyarwanda turi ibicucu ku buryo tutazumva iriya ndahiro yawe. Uzasange uwo mwami wawe aguhe indi nka uretse ko atazayiguhera i Kayenzi. Azayiguhera he? Uzagire urugendo rwiza uzagaruka witwaje Krachnikov witwa inyenzi kandi ntuyobewe itongo ryazo mu Mutara no mu Birunga.

*KALISA Michel*
*Umusomyi wa Kangura i Kigali*

KA02 1264

# AMAHINDURE AHARABIKA.

KA021264

Bamaze gushegeshwa n'inkotanyi — ibyo biravugwa na le Volcan abategetsi b'u Rwanda ngo barashakisha hirya no hino ibisobanuro byo kumvisha amahanga ko mu Rwanda ari amahoro.. Le Volcan irakomeza yemeza ko abo bategetsi, aho kugira ngo bahoshe intambara iri muduce mu gihugu no kubuza abasirikare b'u Rwanda bakomeje kwicira abaturage akamama, batera hejuru bumvisha amahanga ko abarwanashyaka ba F.P.R. (Front Patriotique Rwandais) barimo bahohotera ingagi zo mu birunga, nk'aho abasivili bicwa n'ubutegetsi bw'u Rwanda bafite agaciro kari munsi y'izo ngagi.

Icyo kinyamakuru cyo muri Kivu y'Amajyaruguru gisunikwa n'Inkotanyi zahawe inshingano zo guharabika isura y'u Rwanda mu binyamakuru. Bimaze kuba inshuro nyinshi Le Volcan isebya u Rwanda. Ariko noneho n° 56/57 yasohotse tariki 11 Gashyantare ni agahomamunwa. Abanditsi bacyo baremeza ko intambara abategetsi b'u Rwanda bikururiye ubwabo kandi ibera imbere mu Rwanda, bahindukira — abo bategetsi — bagashaka kuyigira intambara y'akarere.

Nyamara kuri ibyo byose, Umunyarwanda ukunda urwamubyaye kandi agashyira mu gaciro, ntagire ibyo yirengagiza, azi ko Inkotanyi ari zo zashegeshwe aho gushegesha abategetsi b'u Rwanda nk'uko le Volcan ibivuga. Ikindi kandi tumaze kumenya ko ingabo z'Inkotanyi zitari nke zisigaye zirambika intwaro zikitanga zamanitse amaboko. Ibyo birerekana ko ku rugamba rw'amasasu nta ngufu zigifite. Byongeyekandi, bamwe mu byitso by'Inkotanyi bari kuri Goma, batangiye kugira igitekerezo cyiza cyo gutanga imbunda bari bafite mu butegetsi bwabo. N'ubwo abenshi muri bo bahawe amadolari ibihumbi cumi, ntiyabashije kubahuma amaso: ukuri barakuzi; usibye kwihamba naho ubundi baratsinzwe.

Inkotanyi zigikanyakanya nizo ubu zishakisha gusobanurira amahanga ibidasobanuka zifashijwe na le Volcan igira iti «ingabo z'u Rwanda nta ntege zifite zo guhangana n'ingabo za FPR» Yewe! umuntu wagize ikinyoma intego agera aho akibeshyera!

Ni muri icyo kinyamakuru cyo ku ya 11 Gashyantare dusanga mo ko iyi ntambara y'Ukwakira igiye gusenya bidatinze umuryango wa CEPGL. Ibyo ngo bigaterwa n'abasirikare b'u Rwanda bakubise umukozi wa CEPGL w'Umurundi, hamwe n'umukenyezi w'iwe. Iyo urebye ukuntu icyo kinyamakuru kihutiye kwandika isenyuka ry'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu bituriye Ibiyaga Bigari mu gihe cya vuba bigutera kwibaza: nta kintu kibyihishe inyuma? Ese ntabwo bwaba ari uburyo bwo gusaba inzira mu majyepfo?

Ku by'ukuri inkuru mpamo tuzi, ni uko ikubitwa ry'abo Barundi babiri ryatewe n'akagambane k'uwitwa Jean MWAMBAZE, waguriye aba GD ngo babakubite. Ibyo uwo mugabo apfa n'abo ba CEPGL ntibirashyirwa ahagaragara. Cyakora we n'inshuti ze ubu bari mu maboko ya Leta. Biragarara rero ko le Volcan yiyemeje kuruka 'amahindure aharabika u Rwanda.

Le Volcan kandi iramenyesha abasomyi bayo ko hari igitero cy'igikatu Inkotanyi zitegura, kikaba kizaturuka mu birunga, kigamije gufata Gisenyi na Kibuye. Nanjye ndabaza niba kizategurwa neza kurusha icyaturutse i Kagitumba?

Hagati aho ngaho amahanga azi ko intambara y'Ukwakira yashojwe n'inyenzi. Ntabwo ari abategetsi b'u Rwanda nk'uko le Volcan ibivuga. None se Fred RWIGEMA nako Alias Fred (Alfred) NYANGENZI wari ayoboye izo nyenzi igihe zitera bwa mbere yabaye cyose Abanyarwanda bari mu Rwanda bashatse gusubiranamo muri ibi bihe by'intambara twakuruwemo n'umwanzi, ubutegetsi bwagiye bubihosha. Kugira ngo Inkotanyi zereke amahanga ko zifite impamvu igaragara yo kwica ingagi ziri mu birunga, zitwaza ikinyoma cy'uko abasivili bicwa umusubirizo n'abasirikari b'u Rwanda. Nyamara byaramenyekanye ko Inkotanyi zaje zibasiye gusenya ibikorwa by'amajyambere aho biva bikagera.

KANGURA iboneyeho kumenyesha le Volcan ko ibinyamakuru bya Leta y'u Rwanda byandikwa ari Imvaho, La Relève. Ibindi bisigaye byose birigenga. KANGURA rero si ikinyamakuru cya Leta nk'uko le Volcan yabyanditse.

*Issa NYABYENDA*
*c/o Gisenyi-Info*

# LES INKOTANYI ENRAGES PERDRONT PARTOUT... DANS LES VOLCANS ET DANS «LE VOLCAN».

Méfions-nous des Inkotanyi désolés, déçus, bafoués et enragés par leurs successives défaites. Ils continuent de souiller la presse par leur diarhée de diffamations à travers les éruptions mensuelles du «Volcan», journal pro-Inkotanyi de Goma. Ce journal confond l'attaque perpétré contre le Rwanda à un problème Hutu-Tutsi, qu'il appelle abusivement «la guerre Rwando-Rwandaise». Je suis Tutsi de père et de mère, je m'appelle KANOBANA Jean Pierre; je témoigne.

Cet article ne vise pas à contredire les propos malveillants que comprend le journal «le Volcan», qui accuse notre Chef d'Etat et tout son peuple d'être des racistes. Je ne nierai pas qu'il y ait eu des cas individuels» entre Hutu et Tutsi ici et là dans notre pays, mais que des étrangers s'adonnent à comprendre mieux que nous les situations que nous vivons, delà dépasse l'entendement. Je dois d'abord aussi mentionner qu'il fut normal que nous tous Tutsi nous ayons eu peur des Hutu depuis l'attaque des Inyenzi: le pourcentage de notre ethnie dans leurs rangs dépasse sans doute 95%, il vous est inutile donc de nous informer que vous avez les Twa et Hutu parmis les Inkotanyi. Même si ils y sont, tout observateur objectif déclarera qu'ils y sont peu représentés.

Le journal le Volcan s'ingénue donc d'expliquer les problèmes actuels que vit le Rwanda qu'il traite de pays d'Apartheid. A travers les nombreux articles sur ce sujet qu'il contient, il

KA02 1265



KA021265

apparaît clairement que les journalistes du Volcan ignorent totalement ce qui se passe chez nous. Au contraire, ils auraient reçu d'un complice d'Inyenzi vivant au Rwanda des Informations diffamatoires, ou tout simplement ils seraient des journalistes achetés par les Inkotanyi. C'est pourquoi j'ai dit que mon article ne vise pas à le démentir, je me contenterai de dégager de leurs articles des encouragements qu'ils nous procurent inconsciemment.

D'abord, à la page 13 du « Volcan » de lundi 11 février 1991, nous trouvons des encouragements envoyés à nos ennemis dans ces termes: « Encore un effort, messieurs du Front Patriotique ! »
Ceci est une preuve que vous soutenez à cent pour cent nos ennemis, ce qui ne fera que nous unir, nous les rwandais, davantage contre vous et nos ennemis. Par ailleurs, vous affirmez que l'attaque des Inkotanyi est un mal « nécessaire » pour sauver les Tutsi du Rwanda. Vous oubliez que ces Inyenzi tuent sans distinction d'ethnie tout rwandais qu'ils trouvent sur leur passage, qu'ils pillent tout, qu'ils violent toutes les femmes qu'ils rencontrent sans distinguer leur ethnie. Vous comprenez, mieux que nous sans doute, que nous avons besoin d'être sauvés! Par Inyenzi encore ! Je suis fonctionnaire d'Etat, je travaille chaque jour, je mange bien, je dors bien, moi et mes frères tant Hutu que Tutsi nous vivons dans l'entente malgré les menaces de ces « libérateurs » indésirables. Sachez que pour libérer un individu, il faut qu'il vous ait appelé au secours, or ce n'est pas le cas pour nous.

Le journal « le Volcan » continue en disant qu'au Rwanda, les tutsi représentent 1% des élèves acceptés à l'Ecole primaire, secondaire et Universitaire. Ceci est encore une preuve que ce journal méconnaît le Rwanda. Chez nous on n'a jamais pratiqué d'équilibre ethnique au niveau du primaire ; quand au pourcentage de 1%, tout tutsi vivant au Rwanda peut affirmer que vous exagérez. Si vous voulez donc que nous vous insurgions contre notre Gouvernement, vous ne l'obtiendrez pas en nous informant faussement sur ce que nous savons mieux que vous.

Un autre point qui confirme que vous êtes nos ennemis, et qui nous poussera à nous unir davantage, est vous ne comprenez même pas ce qu'est un réfugié rwandais, or ce terme réfugié est à la base des fausses accusations des Inkotanyi. A la page 11 du « Volcan » du 11 février vous dites que les réfugiés « sont des personnes qui ont été chassées du Rwanda par les colonialistes belges parce qu'elles réclamaient l'indépendance. C'était entre 1959 et 1961 ».

Ceci est faux. Tout les Rwandais savent que les réfugiés sont des personnes qui ont quittés le Rwanda lors de la Révolution sociale de 1959 que personne ne peut oser condamner, et ceux qui ont quitté le Rwanda après les élections qui ont renversé leur régime monarchique au profit d'un régime majoritaire démocratique. Si vous ne le saviez donc pas, messieurs les journalistes du « Volcan », ce sont ces gens qui ont toujours tenté et qui tentent encore de réinstaurer le régime monarchique au Rwanda. Dans les années passées ils s'appelaient Inyenzi, actuellement ils ont changé de nom, ils s'appelent Inkotanyi. Même si la monarchie favorisait mon ethnie, je peux affirmer que même actuellement, le vote prouverait que nous les tutsi de l'intérieur du pays ne voulons plus ce qui est dépassé partout dans le monde. Que vienne la démocratie sans armes, nous ne voulons que ça, que la majorité gouverne en respectant les droits de la minorité.

Pour souiller l'image de notre pays, le journal « le Volcan » a parlé de nombreux gens détenus dans nos prisons. Nous connaissons nos frères les Zaïrois ! Si ce qui se passe au Rwanda était arrivé chez eux, sans doute que leurs prisons seraient vides ! Ici au Rwanda on n'exécute pas les prévenus, la justice est rendue au nom du peuple et le peuple en est actuellement satisfait. Ce ne sont pas les étrangers qui effectueront les réfomes judiciaires chez nous, du moins aussi longtemps qu'ils ne nous auront pas encore anéantis.

Dans la même rubrique, le journaliste a condamné deux de nos soldats qui, suite à l'énervement causé par de longues nuits sans sommeil, ont commis des gaffes, contre des agents de la CEPGL. Ces soldats ont été sévèrement punis et il ne faudrait pas attribuer la faute de deux individus à tout un peuple. Si deux de nos frères barundi ont été agressés, cela ne veut pas dire que le Rwanda aurait été si ingrat jusqu'à oublier le soutien moral et politique qu'il bénéficie du peuple frère Burundais. Quant à la liste des 7 Hutu que « Kangura » a publiée, ils ne sont en danger de rien. En fait « Kangura » n'est pas un « organe officiel » comme Volcan ose l'affirmer. C'est un journal privé qui se veut être la voix du peuple, et il publie certains gens que le peuple suppçonne de complicité avec les ennemis. Il est évident que tout « soupçonné » n'est pas « complice », cependant, jusqu'à preuve du contraire, des complices aux Inkotanyi existent dans notre pays, et ils ressemblent physiquement aux innocents. Nous sommes en guerre, nous devons traquer les complices et les soumettre à la justice. Les innocents seront libérés après s'être honorablement défendus, les coupables seront condamnés par la justice et non pas par la presse privée.

Pour terminer cet article, j'invite tous mes frères Tutsi qui sont au Rwanda de continuer à vaquer leurs occupations pour continuer à construire notre beau pays. De quoi veulent nous libérer les Inyenzi ? Nous nous battrons contre eux, nous soutenons notre Président HABYARIMANA Juvénal. Quant au journal « Le Volcan », laissons-le continuer ses inutiles attaques contre notre peuple. Les propos de ce journal ne nous empêcheront pas de vaincre les Inkotanyi à jamais éternellement. Dommage pour le Volcan ».

*KANOBANA Jean Pierre*

**ABATUYE KU GISENYI NGO MWARISHIMYE.**

Inkuru itugezeho ni nka byenda gusetsa ngo abatuye ku Gisenyi bashimishijwe no kumva ko Procureur HITIMANA Antoni wayoboraga Parquet ya Gisenyi ahindurwa ikitaraganya, akajyanwa ku Kibuye. Icyo abenshi bibaza ni iki: Ese n'uzamusimbura azaba umugaragu w'abanyamafaranga nkaba MAFENE, CYABAKOBWA, RUYANGE cyangwa UZABUMWANA Augustin. Ngo banyiri imari biyemeje kujya bigarurira buri mu Procureur wese uje ku Gisenyi. Agapfa kaburiwe n'impongo, uriya umugomboye ararye ari menge atazagwa muri uriya mutego.

Ngo na MANEKO yarahinduwe kubera gukorana ubwoba. Ese nawe yaba yarananizaga Kapiteni BIZIMANA utegeka aba GD twese abatuye ku Gisenyi twemera ? UZAMUSIMBURA ARARYE ARI MENGE!!!

*NGEZE Hassan*

KA02 1267



# IBITEKEREZO KU MBANZIRIRA MUSHINGA W'AMAHAME-REMEZO NO KU BYAHINDUKA MU ITEGEKO-NSHINGA BYAKUSANIJWE N'UMWE MU BASOMYI BA KANGURA.

KA021267

Muri iki gihe duhanganye n'umwanzi «inyenzi-nkotanyi», dufite n'ibibazo by'imivugururire ya politiki igihugu cyacu kigenderaho. Hirya no hino abaturage baratanga ibitekerezo kuri iyo mivugururire akaba ari ikimenyetso cy'amajyambere na demokarasi tumaze kugeraho.

1. Abenshi barifuza kandi bashyigikiye amashyaka menshi kuko ariyo nzira ya demokarasi nyakuri.

2. Amashyaka menshi agomba kubaho, yaje ari inkundura. Ariko barayihutisha cyane kuburyo abaturage batarashobora gusobanukirwa ibyayo amashyaka. Ni ngombwa rero kubanza kuyabumvisha nta gushaka kuyashyiraho huti huti. Ikindi ni uko ubu turi kuyashyiraho tugifite ibibazo byinshi, cyane cyane igiteye inkeke n'icyi ntambara. Twari dukwiye kwitonda tukabanza kubicengeza mu mitwe y'abaturage tukabumvisha akamaro kayo bityo n'amahoro yaba agaruka ndetse na bashaka gushinga amashyaka bakabona igihe cyo kuyategura bakazatugezaho gahunda yabo ihamye. Bamwe mu baturarwanda barifuza ko bitakorwa huti huti ko babanza babyiga bihagije bakurikije n'ibihe bibi turimo.

3. Abandi bati: amashyaka aratinze ngo duhurire mu tuzu tw'itora maze ak'inyenzi nkotanyi gushoboke. Utsinze agatsinda kandi amashyaka azatuma twubaka igihugu kuko azaba apiganywa ndetse anagenzurana.

4. Amashyaka bari bakwiye kureka akazajya ho uko ashatse, yakurikiza amoko, cyangwa se amadini. Agomba gushingira ku kuri, twagombye kumenya ko Abahutu, Abatutsi n'Abatwa batandukanye haba mu bitekerezo cyangwa se mu mico. Nko kuba MRND yaratubumbiye twese hamwe bikananirana... yatashe abantu bose baba abashaka n'abadashaka bituma bamwe baba ibitumira habiri badashaka kwiyunga ndetse baza no kubonera ku mahoro twari dufite baduca inyuma badutera bitwaje intwaro.

Amashyaka menshi akwiye kubaho ariko bakareka abantu bakishyira hamwe uko bashatse. Hagiyeho amashyaka ashingiye ku moko ntacyo byaba bitwaye. Buri wese afite uburenganzira bwo kwishyirahamwe n'uwo ashaka kandi bahuje ibitekerezo n'imico (niyo demokarasi yuzuye).

5. MRND kugeza ubu yakoze neza yagejeje abaturage ku majyambere; niyivugururure ibe indi nshya maze izahangane n'andi mashyaka.

**Amahame nayo agomba gusuzumwa neza.**

**Ihame rya 2.**

Aho bavuga ko amashyaka agomba kwirinda «guhindura imipaka» hari abavuga ko ntacyo byaba bitwaye ngo kereka ari ukugira igihugu cyacu gito, naho ari ukukigira kigari ntacyo byaba bitwaye.

Aha iki gitekerezo ntawagishyigikira kuko byaba ari ugukurura intambara z'urudaca mu gihugu. Ahubwo ibyiza ni uko twakorana n'abandi mu bwumvikane tukareba uko abanyarwanda bamaze kuba benshi babaho neza, dushaka ibindi bihugu twishyira hamwe «économiquement» cyangwa «politiquement».

Ku byerekeye aho bavuga ngo «guhungabanya umutekano w'Igihugu» bakwiye kubisobanura neza kubera ko abantu bamwe bagwa mu bihano batazi bagombye gusobanura neza icyo guhungabanya igihugu icyo aricyo. Ntibibe bya bindi byo kuvuga ngo kanaka yavuze umutegetsi nabi (kandi ibyo avuga aribyo) none nafungwe. Ibyo bituma abategetsi bamwe bikanyiza bakarengera.

**Ihame rya 3**

**Interuro ya gatatu**

«Ari mu mahame, mu migambi cyangwa mu bikorwa, ntirishobora gushingira ku turere, ku moko, ku madini cyangwa ku bundi bwironde ubwo aribwo bwose» igomba kuvanwamo kuko inyuranyije na demokarasi (ntabwisanzure bwaba burimo) bamwe bifuza ko yavamo kuko ibyo isaba bikubiye mu nteruro ya 2 y'iryo hame.

Amashyaka menshi yagombye kwemerwa ku buryo bwisanzuye, icya ngombwa ni uko yakwiyemeza guharanira ubumwe no kubaka igihugu.

**Ihame rya 7**

Icyifuzo ni uko hakongerwa ko: «Amashyaka ya politiki yo mu gihugu ashobora kugirana umubano n'amashyaka yo mu mahanga uretse atubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu» kuko ngo bene ayo mashyaka abaho mu mahanga (France, Allemagne).

**Ihame rya 10**

Bamwe bibaza niba MRND itazaba iryamiye andi mashyaka kubera imisanzu n'izindi mfashanyo yaka. Bati se ubwo inkunga ya Leta izaha amashyaka ntiyagombye kugenwa hakurikijwe umubare w'abayoboke ba buri shyaka (*proportionnalité de l'aide aux partis politiques eu égard au nombre d'adhérants*)? Abenshi babona amashyaka yose yahabonera imfashanyo ingana.

Bamwe bati umutungo wa MRND wagombye gusaranganywa, naho ubundi izaba iryamiye andi mashyaka. Abandi ugasanga bavuga ko MRND yagiyeho ku buryo bukurikije amategeko, ndetse yemerwa no mu Itegeko-Nshinga, umutungo wayo rero ni yo izagena uko izawugenza (*le passif et l'actif lui appartiennent juridiquement*). Bati rero MRND n'iyacu twese abanyarwanda nitwe tuzagena icyo tuzamaza uwo mutungo.

**Ihame rya 15.**

Hari aberekana impungenge z'uko rimwe na rimwe Perezida atumvikana na Ministre w'Intebe, ibyo bikaba byatuma imirimo idindira: abandi bati hari ubwo uwo Ministre w'Intebe aba «*un figurant*»; ubwo rero akaba ari ntacyo amaze.

Rubanda nyamwinshi ivuga ko, ubundi Perezida niwe wagombye kubazwa ibintu byose bireba «*l'exécutif*» (ubutegetsi nyubahirizategeko!). Iyo umuhaye Ministre w'Intebe ugomba kubazwa ibya Guverinoma, ubutegetsi (*pouvoir*) bwa Perezida uba ubugabanije. Ibyiza ni uko hahaho Visi-Perezida wajya amusimbura n'igihe adahari.

**Ibitekerezo ku byahinduka mu Itegeko-Nshinga.**

Mu byavuzwe ku ngingo ya 39 n'ingingo ya 47, 3°, harimo igitekerezo kitagaragajwe neza: hagati ya Perezida wa Repubulika na Ministre w'Intebe, ntibisobanutse neza uzajya ayobora Guverinoma: hamwe baravuga ngo ni Perezida wa Repubulika, ahandi ngo ni Ministre w'Intebe, abantu bifuza ko byasobanurwa neza.

*Umusomyi wa KANGURA*
*Kicukiro KIGALI*

KA02 1268

# UKURI GUCA MU ZIKO NTIGUSHYE.

KA021268

Muri ibi bihe by'intambara tugumya guterwa n'inyenzi ziyise INKOTANYI, *Kangura* yahagurukiye gutahura buri wese ufatanije n'Inkotanyi n'ibyitso byazo aho yaba ari hose.

*KANGURA Nº 9* yasohotse ikomeje umurego kuko INKOTANYI N'IBYITSO byazo, zadukoze mu jisho ndetse ziranadusuzugura biratinda, bidutera gusohora tutaziguye abantu bavugwaho byinshi ku Gisenyi n'ahandi mu gihe aho intebe ya GISENYI-INFO batagisinzira kubera ibitero bidasiba mu RUHENGERI bigamije kuzagabwa mu mugi wa Gisenyi tukumirwa, dore ko ibyo byihebe biherutse kwigerezaho bigatera za bombe hafi y'ikigo cy'ABAKOMANDO mu BIGOGWE.

*KANGURA Nº 9* rero ikimara gusohoka havuzwe byinshi mu basomyi bayo ariko cyane cyane mu bo yatungiraga agatoki ibiro by'iperereza. Bamwe bati NGEZE yahawe amafaranga yo guharabika abantu batishimiye cyangwa bagiriwa ishyari. Abandi bati abo dufite icyo dupfa ni bo batwandikisha kwa NGEZE.

• Nyamara baribeshya kuri byose! Kuko IBIRO NTARAMAKURU GISENYI-INFO bisanganywe ubuhanga buhanitse bwo gutahura abigira ibirumirahabiri muri ibi bihe turi mu ntambara itoroshye tutakwemeza n'igihe tuzayitsindira bitewe ahanini n'ibyitso by'inkotanyi byigira nkana nyoni nyinshi.

• None se ngo RUNAKA, *Kangura* iyo yamuvumbuye ntabura kwifashisha ibihuha ngo yaba ari uyu n'uyu batumvikana wamwandikishije mu kinyamakuru. Ndetse iyo bibaye ngombwa bamwe basigaye bifashisha intasi zabo zigambiriye kubakeshaho amaramuko muri iyi RUZAGAYURA twazaniwe n'abanyamurengwe b'inyenzi ziyise INKOTANYI, bagizwe ahanini n'abarigishije umutungo w'urwababyaye.

• Natangajwe cyane n'uwitwa MATINGIRI wahoze ari TAXIMAN wa moto mbere y'intambara utagira isoni na mba zo kwihandagaza akavugira mu isoko ry'abavunjayi ko inyandiko iyi n'iyi yo muri *KANGURA* yerekeranye n'abakozi bakora aha n'aha yatanzwe na KANAKA. Ese ye, ko wihuse, abo bantu uvuga bagushyize mu bucamanza; abo ukorera mu binyoma byawe, aho bagira icyo bakumarira?

• Naje kumenya ko ba TAXIMAN ba MOTO batashoboye kubona ubaha akazi ko gucuruza itabi cyangwa ubunyobwa, bayobotse inzira yo gucuruza ibinyoma by'ibicurano. Gusa, *Kangura* nta muntu n'umwe iheza haba mu rubuga rw'itaramakuru cyangwa se mu mishyikirano isanzwe; kandi nawe urabizi kuko wirirwa mu dirishya ry'ibiro byayo biri ku Gisenyi ubeshya abatagira ubwenge n'abatakuzi ngo uratata abanyamakuru ba GISENYI-INFO. Nyamara umuyobozi wayo yemeza ko uta igihe cyawe kuko udateze kuzamenya ibanga ry'ibiro ntaramakuru byigenga nka «GISENYI-INFORMATIONS».

Kuko iyo ujya kumenya gutata, ntiwari kuba warabuze kugaragariza bene wanyu barimo mushiki wawe Agnès dossier ya muramu wawe Nyakwigendera BONJOUR wahoze ari Percepteur w'iposita ku Gisenyi; igihe arigisa umutungo wa Leta, umucuruzi BWANAFEZA akawivugana!

• Harya ngo muri benshi bihaye kugigira no guhimba imikorere ya GISENYI-INFO? None se mwamenye ko mu minsi iri imbere tuzashyira ahagaragara ko mu iri imbere tuzashyira ahagaragara ukuntu mwasonze igihugu cyacu mu gihe cy'ubukungu bwifashe nabi n'intambara y'inyenzi n'ibyitso byazo, mwambutsa MOTO zose zahoze i Gisenyi, zikajya muri Zaïre zinyuze mu rya NYAMAJANJA; mubifashijwemo no kwiba umugono abajandarume bacu n'ibiro by'iperereza mu bihe bahanganye n'inyenzi kimwe n'ibyitso usibye ko mwe batarabageraho.

• Ese ko muvuga ngo muzasubiza plaques kwa FINANCES mumenyesha ko MOTO zapfuye, aho mwibuka ko muzasabwa kwerekana imirambo y'izo MOTO? Ubwo muzegera umutware w'ibiro by'intasi z'ibyitso bikorera mu kirere witwa MAFENE maze mwige igiswahili muzabirimanganyamo. Muzifashishe n'uwitwa NZIRABATINYA MAJOROKE Gérant wa Station FINA ku Gisenyi dore ko nawe twaje kumenya ko yirirwa kuri guichet ya Banque de Kigali ku Gisenyi ngo atanga lisiti y'abantu abona mu modoka ya NGEZE nk'aho yaba anyitiranya n'inyangarwanda cyangwa ibyitso byazo we atezeho amaramuko.

• Harya ngo hari bamwe NGEZE yanditse kandi ari Abahutu? Ni nde se wanyumvisha aho umuzimu wateye BIZIMUNGU Pasteur wateye uturutse?!

Ese ye, kuki abo ngirwa-bahutu bahora mu gaco k'ibyitso by'Inkotanyi twabuzwa n'iki kubakeka amababa?

• Muri ibi bihe twakanguriwe twese kongera umusaruro, none ngo ya minota 30 yateganyirijwe kwica isari bamwe bayibyaze amasaha? Ubwo ntizahumira ku mirari na rindi ko ubukungu bwacu bwifashe nabi twongereye ho intambara twatewe n'abanyamurengwe.

• Ngo muri BRALIRWA bandikishijwe n'umuntu ubanga! mukeka se ko mupfa iki na GISENYI-INFO? Gusa ntimuramenya ibanga ryayo!

None se hari uyobewe ko NSABIMANA Gratien yabaye soudeur akaba Furere. Azahakana se ko atigeze ajya mu Butaliyani niba atemera ko yageze i Bujumbura n'i Lubumbashi. Azarahira mu izina ry'Imana ko atafatanije na RWEMARIKA mu gukoranya amafaranga yo kwishyura misa zo gusabira GASHAKABUHAKE KAJEGUHAKWA Valens, igihe yari arinzwe n'ingabo zacu zarushye mbere y'uko aducika! Muri iyo minsi ari na bwo ingabo za KAJEGUHAKWA Valens zashotoraga izacu zibarashisha amatopito.

Azasisibiranya se amagambo yavugiye aho abakadre bafatira icyayi mu ruganda ko muri ya mategeko 10 y'Abahutu bo ubwabo batashobora irya 1 n'irya 4.

• KALIMUNDA Augustin se, nawe yaba ahakana ko yicaje ikipi ya ba opérateurs bose akishyiriraho abantu/abakozi badashira amakenga.

• Harya ngo KAYIHURA Augustin ntiyumva uko NGEZE yamenya ibye na SAFARI?! None ko ibiro ntaramakuru byari byahagurikiye gushaka abahinduye ubwoko, bagahitamo kwibera ibirumirahabiri, mwari kubuzwa n'iki no guhura na byo mu gihe byiyemeza kuba bifite ubuhanga buhanitse?

Kandi uretse gupfana abo musanzwe mwiyangira muzazirikane byonyine amagambo n'ibigwi mugira mu cabaret kanyu «La Reine» bityo niba

mwarabatijwe muzibuke ko GISENYI-INFO ikunda kubagenderera kurusha abandi, usibye ko nta byapa tuzana. Gusa, twibutse KAYIHURA ko ubwoko bwe n'ubwa murumuna we budahuye. Keretse rero ari amakosa y'uwabandikiye indanga-muntu zanyu mufite ubu niba mutarihutiye kurimanganya.

• Undi byababaje ngo ni RUDASINGWA Longin n'abe bose, none se ko enquête twakoze ko ariko yabitweretse tubigire dute? Ahubwo we azatwunganire maze turusheho kubamenya uko mungana cyane cyane ubwoko bwanyu butera urujijo. Ese ntacyo mupfana na GASAMAGERA uba i Nyamirambo?

• Havuzwe byinshi ku buryo ntashobora kubibagezaho byose ariko iby'ingenzi ni byo nibandaho.

Nka RUDASINGWA Jean-Léonard uba muri LIMONADERIE i Kigali. Waba wibuka intambara y'abakiga n'abanyenduga washoje ufatanije na RWAGATERA w'i Kibungo mu ishuri ry'ubuvuzi ry'i Kigali muri 1975? None se ubushakashatsi bw'ibiro byacu bwaribeshye?

Mbere yo kujya muri Zaïre se ntiwabanje kuba kwa HITIMANA Joseph bitaga RUGANZU wahoze ari AGRIPREF wa GISENYI. Nyine se ntiwashyikiranaga na MUKARUBUGA Cécile mwaje kumenyana byimazeyo muhuriye i Gisangani ho muri Zaïre ari na bwo winjiye mu mutwe mukuru w'ubwanditsi bw'IKINYAMAKURU URUMULI gisebya igihugu cyacu.

Ubwo twaguhimbira dute ko nawe wanga ukananirana nyamara tukungura inama muri ibi bihe twitana ba mwana.

• Harya ngo *Kangura* yanditse kuri NKIKABAHIZI Stanislas abisabwe n'Abubatsi babiri bakomoka ku Gisenyi yaba acura ibiraka byo kubaka amazu? Sibyo. Ahubwo icyo GISENYI-INFO yemeza ni uko uwo NKIKABAHIZI atagira ibya ngombwa bimuha uburenganzira bwo kubakisha. None se kuki abo Banyagisenyi batandikishije SEBULIKOKO wubatse inzu ya douane-corniche, akaba yagura ibitaro bya Gisenyi ndetse akaba yareguriwe no kubaka ikigo cya ESO i Butare.

Ko batandikishije se GASHEGU wubatse amasoko ya Gisenyi, Kabaya na MAHOKO. Uwahamagajwe i Kibungo se we aje kubaka amazu ya Promotion des métiers ku Gisenyi ko batamwandikishije?!

Yewe, uhiriye mu nzu ntaho adapfunda umutwe, gusa menya neza ko ntacyo upfa n'abo muhuje umwuga w'ubwubatsi.

• Ngo MBONIMPAYE Elie baramubeshyera. Azaturahire ko ku wa 4 n'uwa 5 Ukwakira 1990 atari mu mujyi wa Kigali mu modoka plaque 37CD104. Twumvise ko na TWAGIRAYEZU Ephrem wo muri MULPOC i Gisenyi yahunze. Kuko yagombye kuba yararangije misiyo ye ku wa 23 Mutarama 1991 none ntitukimuca iryera, twashoboye kumenya ko yafatiye i Ndege i GOMA-BUJUMBURA-NAIROBI-ADDIS aho yaba ategerereje umugore we ukiri ku Gisenyi abifashijwemo n'undi munyamahanga tudashatse kuvuga izina.

**Aho ntimwabona ko bifitanye isano** n'ibya muramu wa Docteur RUDAKUBANA witwa MUGESERA Antoine waheze muri misiyo ari kumwe n'umukobwa w'uwo TWAGIRAYEZU Ephrem?

• Harya ngo NGEZE yarasaze? Niba yarasaze akagwa ku ijambo birabe ibyuya ku Banyarwanda ariko bibere amaraso Inkotanyi n'ibyitso byazo aho ziri n'aho biri hose ku isi.

Ngo Docteur GASEKURUME yaba ngo na we avuga ko hari agatsiko k'abamurwanya bakorana!

None se, ko noneho ngo waba usigaye utera ubwoba bamwe mu Baganga bo mu Ruhengeri ubasaba ifishi y'uburwayi bwa Nyakwigendera NIYITEGEKA Bernard, ngo ko Présidence ya Repubulika yagusabye gukora dossier yuzuye kuri uwo Nyakwigendera? None se mama waba usigaye uri umukozi wa prezidansi cyangwa uw'ibiro by'iperereza?

Ubwo se uzongera ukeke nde mu bakozi bawe igihe ibiro ntaramakuru byacu byabikomoye mu Ruhengeri?!

• Kubera kwijundika abantu mubarenganya nagiraga ngo mbamenyeshe ko ibiro ntaramakuru GISENYI-INFO byifitiye ibanga mu rwego rwo gupererera. Mureke gukekakeka mujye mwegera umuyobozi wa *Kangura* abahe ibisobanuro mwifuza cyangwa namwe mwandike munyomoza..

• Dore ngo ku wa 2 Gashyantare 1991 ku isabukuru y'umuganda ibiro byacu byashoboye kumenya neza bivuzwe n'abapentekote ubwabo ibivugwa kuri Néhémie MUNYENSANGA na Alphonse NTAWIYANGA ko bifuza ku ngufu kugirwa ABAPASITORO.

Ndetse ngo baba babangamiye Pasitoro kimwe n'umubitsi mukuru wa Paruwasi yabo. Ibyo ariko ntibyabujije abahanurabinyoma gukwiza impuha ko babonye NGEZE nihishe mu cyumba ndi hamwe n'abagabo babiri twandika! Ubwo mutima muke wo mu rutiba yumvire aho...

• KAMPAYANA Bibiana nawe ngo arazira agatsiko k'abamwanga! Ariko kuki wibagirwa ko igihe wiyamamarizaga ubukonseye ari ho benshi bakumenyeye?! Uwaje guhagararira Muvoma muri ayo matora akomoka iwanyu muri KIBILIRA ndetse na we yatangajwe no kubona warahindutse UMUHUTUKAZI mu gihe yibuka ko mwatwikiwe muri 1959.

Uretse ko wari uhagarikiwe n'ingwe, ariya majwi 17 waronse mu baturage barenga ibihumbi bine wowe ntakwibutsa byinshi? Mbese ntabwo wigeze kuba umubikira? Kuki se wibeshya ukagira ngo ABANYARUHENGERI bibagiwe aho wari ubageze ku ngoma ya MUSENYELI SIBOMANA ubwo bahisemo kubamenesha mwembi babahoye ubu LUNARI bwanyu bugaragarira kuri ubu muri U.P.R. na F.P.R. byombi bifitanye isano n'INKOTANYI.

• Mbere y'uko ndangiza, ndasubira muri BRALIRWA ku Gisenyi nibutse bariya ba milita numvise Rubandanyamwinshi rutezeho umukiro ari bo:

— SINAYOBYE Emmanuel
— BIZIMANA Bernard
— SIBOMANA Bénoît,

kwibuka inshingano zabo.

Bakamenya ko bafite inzitizi nyinshi baterwa n'ibyitso by'Inkotanyi bikunze kwiyegereza bene MADAMU bategeka URUGANDA. Bazakorane ubwitonzi mu gusaba kuzamuka kw'agasozi BRALIRWA iriho batagoswe na ba RUSARURIRAMUNDURU kutuvutsa amahoro ari yo nkingi y'amajyambere.

Maze bazakurikirane ibikorwa byatangijwe na Nyakwigendera NSENGIYUMVA Fabien benshi tutazibagirwa.

Bityo:

— Ivuriro ririmo materinite rizubakwe kandi abaturage barigireho uruhare.

— Amashuri abanza yo ku i Rwambo yibaruke ishuri ryisumbuye kandi ryubakwe ku i Rambo nibiba ngombwa abahatuye bimurwe.

— Kera hazaza, hazashingwe KAMINUZA ya BRALIRWA ku musozi wa RUNGAJI, Ishami ryigisha kwenga inzoga n'ibinyobwa bidasindisha.

*NGEZE Hassan*

KA02 1270

# MURI IBI BIHE BIBI ABANYESHURI URUGOMO BARUTEWE N'IKI?

KA021270

Mu minsi yashize, mu bigo byinshi by'amashuri byo mu Rwanda havugwaga ubwumvikane buke hagati y'abanyeshuri. Ndetse mu bigo bimwe abanyeshuri bafatanye mu mihogo, ku buryo hari n'aho abajandarume bagiye guhosha izo mvururu.

Kangura yashatse kumenya neza nyirabayazana y'izo mvururu. Ahenshi babeshyera abanyeshuri ngo nibo bibwirije ibyo kuryana. Nyamara twe iyo dusesenguye neza dusanga abayobozi b'ibyo bigo by'abanyeshuri babifitemo uruhare n'ubwo abanyeshuri tutabagira abere.

abarezi bagomba kwirinda kugira uruhare babogamiramo bityo bakereka abanyeshuri ko ingingo bagenderaho ari ukuri n'ubutabera gusa. Kandi muri ibi bihe by'intambara abarezi bakumva ko bagomba gukoresha ukuri gusa kandi bagahora akenshi bungurana inama n'abanyeshuri.

Muri uko kungurana inama n'abanyeshuri, abayobozi bagomba kubigiramo uruhare rukomeye. Bakagenzura neza niba Préfet (es) de discipline atari ba Préfet (es) d'indiscipline, bakareba niba ba animateur (trices) batanima abanyeshuri bukotanyi.

Ibyo igitumye mbivuga n'uko hari ikigo cy'abanyeshuri mperutse kugeramo maze nkakirwa n'abarimu abenshi twaridusanganwe. Ninjiye mu kabari karimo n'abasirikari nabo harimo abo twari twariganye turaganira turasabana. Ariko bamwe mu barimu barakazwa n'ukuntu umunyamakuru wa Kangura ngo agendana n'umwarimu bakeka ko ari «inkata». Narisobanuye biratinda ariko banga kunyumva. Ngo kuko iyo nkata yigeze kuvuga igihe inkotanyi zari zisatiriye umugi wa Ruhengeri ngo bari hafi n'umugi wa Gisenyi «nawo n'uwabo» kandi bataramushiraga amakenga.

Nawe se ubwo wakorana n'umuntu murera abana bamwe, ukamwanga gutyo, kugeza n'aho ubimwereka kandi yenda nta n'ibimenyetso simusiga umufitiye koko ubwo ntiwaba uri nka wa mu superefe witwa Gatera abaturage bo bakamwita Gateranya!!! Mu barimu rero nabo n'ukureba niba harimo ba gateranya abana bakagororwa mu maguru mashya.

Abo barimu nakwita bagateranya se, ntitwakomeje kuganira ariko bakanga kwizera uwo bakekaga. Bakomeje gusakuza kugeza n'aho umusirikari twari turi hamwe muri ako kabari nabonye yenda gukora ku mbaruto imana y'i Rwanda igakinga ukuboko n'uko bamwe tugatangira kunyonyomba tukitahira.

Barezi b'u Rwanda rero, mufite umurimo ukomeye wo gutoza abana ubumenyi buzatuma bashobora kwitunga. None rero nyabuneka muzirikane ko abana bakeneye ubwitonzi, uburere mbonera gihugu kugira ngo bazashobore gukorera u Rwanda rwababyaye.

*Papiyasi RUBERA.*

---

## BARANYERETSE NA NDUWAYEZU NI ABANTU BABIRI BATANDUKANYE.



Baranyeretse Mustapha alias Gisenyi ni njye wakunze kwandika mbeshyuza Semusambi. Mbarizwa kuri Adresse B.P. 1312 Kigali-phone 73586. Nduwayezu Hangimana anyitirira mu Ijambo nº 16 ntabwo muzi. Ahubwo icyo kinyamakuru ngo cyiyemeje gutanya abahutu nk'uko bibonwa n'abahutu bose cyane cyane abasomye Ijambo guhera ku nimero yayo ya mbere kugera ku nº 16 iherutse. Nemeye ko ifoto ngufi yanjye itangazwa mu kinyamakuru Kangura kugira ngo bariya bagabo Hangimana na Mutsinzi banyitwaje bagamije guteranya abakiga n'abanyenduga bakurikiranwe. Hagati aho ngaho rero, biragaragara neza ko Nduwayezu na Baranyeretse atari ibimane; baratandukanye rwose.

BARANYERETSE Mustafa
B.P. 1312 Kigali




Kigali le 25/02/1991

Bwana Porokireri generali wa Parike ya Kigali,

Bwana Porokireri generali,

Ntabwo nzi iby'amategeko, ariko niba hari iryaba ryandengera, ndagirango muri kurikize munkure mu kababaro natewe no kubona ikinyamakuru Ijambo nº 16 gitangaza ko ntabaho kandi ndiho ntari napfa. Muramutse mubonye ko Hangimana Faransisiko afite ubwenge bukora neza, dore ko we yanditse ko ubwenge bwe buhera aho ubw'abandi burangirira, mwamuhanisha itegeko ribigenewe. Muramutse musanze ko ubwenge bwe budakora neza, muzamwihorere kuko kurwara ntawe ubyikururira.

Murakoze.

BARANYERETSE Mustafa.

Bimenyeshejwe:

Minisitiri w'Ubuzima n'Imibereho y'abaturage.

KA02 1271



KA021271

# IBARUWA KU BIRO BYISHINZWE IPEREREZA.

Banyakubahwa mushinzwe iperereza tubandikiye uru rwandiko rukubiyemo ibivugwa hanze tugirango mu runonosore murusome mo ibishobora gufasha igihugu cyacu muri ibi bihe bikomeye. Banyakubahwa mushinzwe iperereza uru rwandiko dukunda kuboherereza, abo tuvugamo si ukuvuga ko byanze bikunze, ibyaha by'ubukotanyi cyangwa se ibindi byaha tuba tubakekaho, tuba tubihamya, akenshi nibiba byatugezeho tubigejejejweho n'abaturage bashaka amahoro, natwe tukihutira ku bibagezaho, mwe mufite ububasha bwo gutumira umuntu kwiyumvisha neza no kumubaza icyo atekereza ku bimuvugwaho.

Rero twabasabaga kwiyumvisha neza ko abo muzajya musanga mu mabarwa twoherereza ipereza ntabwo tuba twemeza ko ari inkotanyi, cyangwa se bafite icyaha, kubera ko ntabubasha tubifitiye.

Bariya tuba tuvuga nabo byaba byiza bagiye babandikira natwe bakaduha kopi ivuga kubyo tubatwabanditseho. Banyakubahwa mushinzwe iperereza ibyitso by'inkotanyi byabonye igihe gihagije cyo kwitegura ibitero byazo mbere yo kugaba igitero mu Rwanda, ku bitahura rero bisaba ubushishozi n'ubwenge buhagije, niyo mpamvu inzego zose zigomba gufatanya muri bino bihe.

Abaturage baribaza impamvu imiryango myinshi yohereje abana babo mu nkotanyi gutera u Rwanda itafatwa ngo ibazwe ubwo bukotanyi, kuri twe rero turasanga uburyo bworoshye bwo gutahura iyo miryango ari uko buri serire yatanga raporo y'urubyiruko rwabuze muri selire ayobora kuva 1988, kandi ibyo bigakorwa na baturage bose babizi kuko abaselire nabo ntawabagirira icyizere bose, ntimuzibagirwe ko RWIGARA yigeze guha akazi urubyiruko rwagombaga gukora mu Ruganda rwa S.M.

Nyamara ntawamenya amarengero yurwo rubyiruko, kandi ababyeyi barwo baba mu Rwanda, ibyo byabaye 1989. Abaturage barifuza ko twakora iperereza ku bagore batuye i Nyamirambo no mu nyakabanda. Abo bagore batuye hamwe rero, abagabo babo ubu bafunzwe mu Nkotanyi. Hari umusirikare mukuru wiyemeje kujya abaha i posho.

Abaturage barifuza ko mwakora iperereza ku musirikare mukuru ufite ipeti rya komanda ngo yaba yaramaze abaturage abakubita amafuni ku buryo benshi bahasize ubuzima bwabo, muzarebe icyaba kibimutera.

Abaturage barifuza ko mwakora iperereza ku bantu ubu bari murigereza kubera ubukotanyi, ibyo muzasanga ari ukuri, muzabijyane mu nkiko, abarengana nabo mushobora kubitumenyesha, kugira ngo turebe aho twakwerekeza anketi zacu. Abaturage barifuza ko mwakora iperereza rinonosoye kuri aba bakurikira :

— RUGEMA Benjamini yemera ko yarashinzwe recrutement hakaba hari abantu batatu (3) yajyanye akabashyikiriza HABIMANA Daniel ucururiza ku Mulindi wa NASHO i Kibungo muri komini Rukira we bakamuha amafaranga akigarukira.

— NYAMBIKIYE Paul (Burundais) yemera ko imbunda ye yasize ibitswe na HERMAN nawe w'u murundi utuye i Gisenyi hafi y'ikibuga cy'indege.

— NTAGANZWA Eulade na NTAGARA Léonard bombi bavuka hamwe bakaba barahoze bakora kwa SISI Evariste nibo bagiye bajyana za rapports kwa RWIGEMA kuko ngo SISI yakoraga rapport buri kwezi, ubu rero NTAGANZWA afite ubwoba ko bashobora kuzajya gusaka iwabo muri Komini Kanzenze aho yahise ajya guhisha impapuro zose z'amabanga ubwo yaramaze kumenya ko shebuja yafashwe.

— VANDAMA J. Baptiste yemera ko iby'inkotanyi yarabirimo ariko ngo yabyinjijwemo na RURANGIRWA Alphonse wo mu Ruhengeri, Komini Kigombe, secteur Gashangiro na BISETSA murumuna wa Kavura batuye mu i Bereshi mu Ruhengeri na KARENZO utuye mu Kidaho.

— MUHIKIRA Jean yarashinzwe gukora liste y'abantu b'i Nyamirambo n'ibikorwa byabo bajyanye iyo lisite mu kwezi kwa 4/90 ari kumwe na MIGAMBI bavanye imbunda ebyiri (2) zibikwa kwa MUGAMBI ucururuziza i Kibungo akaba avuka muri komini Nyarutovu mu Ruhengeri.

— MUNYESHYAKA Faustin alias RUHUTINYANYA yavuze ko aho KAJEGUHAKWA agendeye yaramaze kubona amabaruwa ye atatu yagiye ayazanirwa n'umucuruzi witwa RUSHOKORO utuye ku i berehsi i Gisenyi akamubwira ko yayahawe n'umuforoderi witwa RURANGIRWA Alphonse wo mu Ruhengeri.

— BAZIGA Berchmans aremeza ko yagiye i Buganda kenshi mu by'inkotanyi ari kumwe n'umugabo wo mu Ruhengeri witwa KAREKEZI Faustin bagerayo bagacumbika k'umuhungu we NYILIMANZI Nathanaël usibye ko batigeze bamubwira ikibazana.

— MUHIKIRA Aloys avuga ko ibye byose byo kugeza kuri bene wabo ubutumwa bw'inkotanyi yabifashwagamo n'umupadiri atavuze izina, ngo niwe yabinyuzagaho.

— NIZEYIMANA Vincent ex SM Gd afite radiyo émetteur récepteur yakuye mu Bubiligi avuye kwiga muri Ecole Royale ubu ibitse iwabo muri komini Kivu-Gikongoro ngo yayigejeje ku kibuga cy'indege ayiha aba gendarmes bari bahari nibo bayirengeje ntiyagera muri douane.

— Hari umupfumu wa KANYARENGWE utuye i Gatonde witwa MAGAYANE.

— BUGINGO Gervais yemera ko yatatanywe imbunda 2, izindi ngo yariyazibikije umukwe wa SAMUEL utuye mu gikari cya Magerwa (inyuma ya cantine) ngo yanze kumuvuga kuri parquet kugira ngo bose badashirira muri gereza.

— SASITA utuye ku Kicukiro utunze umugore witwa MUTEGA hari inzu yari yujuje ya muramu we w'umusirikare muri Uganda, hakaba hari bimwe mu bikoresho bya gisilikare yasize abitse mu kazu gato kari mu gikari cyiyo nzu.

— Uwitwa KABAKA Mohamed avuga ko yajyaga kuzana amasasu ari kumwe umukinnyi witwaga Bernard wo muri Etincelles ariko uyu Bernard we ntarafatwa.

— MAGARA Edouard (Ugandais) yavuze ko yabeshye parquet ko yafatiwe inaha yaraje kwivuza naho ngo yabaga azanye za rapports z'inama zakorerwaga i Buganda kwa SAKINDI byose akaza akabishyikiriza UWIMANA Elie ucururiza ku Muhima ari naho yafatiwe.

— KABAKA Saïd yavuze ko imbunda bazanye yazipakuruye kwa nyina, ibi yabivuganaga na boy-chauffeur we ngo kuri parquet nibamuhamagara azabihakane avuge ko mbere yabyemejwe n'inkoni.

— MUNYARUGAMBA François yemera ko imbunda ye yasize ayibikije GAHUTU Déo ukora muri BNR.

— Affaire MUKANYA André, équipe ye ifatanije na IPJ wa Komini na Bourgmestre bameneshheje MUKA-MUSONI Ancilla ngo anekera abasilikare.

— Uwitwa RUGARAVU Joseph yazanye inkuru ivuga ko ubwo Président HABYARIMANA yari yagiye mu nama i Dar-Es-Salaam hari hateguwe coup d'état yagombaga kuba we ari mu nama iza kurata, ngo yabibwiye na Substitut ubwe RUGARAVU yari yagiye muri interrogatoires.

— Umuntu wafunzwe yiyita Major w'inkotanyi ngo yaba yarabeshye ipeti

KA02 1272

KA021272

ahubwo ni Sergent Major kuko hari umuntu waje none bahita bamenyana ngo babaga mu kigo kimwe.

— Uwitwa SENZOGA Benoni w'i Bufumbira muri Uganda yafatiwe i Kigali arikubunga le 6/10/90 ubundi ngo yaragiye gushaka bene wabo bagombaga guhurira mu Nyakabanda kwa KIRIMWABAGABO Jacques (taximen) aho bagombaga kuba bihishe kuzageza ubwo inkotanyi zigera mu mujyi wa Kigali, baturutse iwabo i Bufumbira ari cumi na batatu (13) — barindwi (7) bikoreye imbunda — batatu (3) bikoreye amasasu — batatu (3) basigaye babashoreye ubwo hari tariki ya 20/09/90, ibyo byose bikaba byaragombaga gukoreshwa kuri Ntaruka, byose basize babibitse k'umucuruzi witwa MUNGARURIRE utuye i Rugarama, segiteri Rugarama, Komini Kidaho-Ruhengeri, ubu aribaza niba imbunda zabo zaba zikiriho kuko akimara kuzibitsa yahise aza i Kigali akihagera ahita afatwa.

Ibiro ntaramakuru byigenga Gisenyi Information ibashimiye umurava muzakorana iri perereza tuboneyeho no gusaba abasomyi ba Kangura kutwandikira batubwira icyo batekereza ku Kinyamakuru cyabo abafite amakuru mushobora kutwohereza kuri Fax. 0040519 cyangwa B.P. 1312 Kigali — B.P. 19 Gisenyi.

## NO MURI RAMBA HABONETSE BA NYONINYINSHI.

Ese aho none Burugumesitiri wa Ramba, we hari icyo azabifashamo Perezida HABYARIMANA?!? Simbihamye!? Icyo kibazo sinjye ukibaza njye nyine ngisangiye n'abanyeramba bose, kuva ku mwana kugera ku mukuru. Burugumesitiri NZABANITA ntabwo yatunguwe n'igitero cy'inkotanyi. Dore uko byagenze. Ku cyumweru tariki ya 30 Nzeri 1990 n'ijoro muri bari, umututsi Phocas mwene SEBACUZI yarihanukiye abwira abantu bari aho (Juge Président, I.P.J., Gasasira Célestin...) ati: akabahutu kagiye gushoboka, aho bukera ntimurijye mumpeka!? Burugumesitiri yaramufunze, bukeye intambara irarota ahita amurekura ntacyo abajijwe. Nzabanita se buriya ni ijisho rya Muvoma cyangwa se n'iry'inkotanyi?!

Uti ese ni ibyo gusa! Reka da! tariki ya 5/10/90 abaturage bavumbuye inyenzi imaze icyumweru ku mututsikazi Mariya, basanze yifitiye amafaranga y'amarundi. Arafunzwe, bati Mariya nawe n'icyitso nafungwe kandi asakwe. I.P.J. na Burugemisitiri ngo ni mutahe mwa bashenzi mwe dore amasaha y'umukwabo yageze! Ibyo gufata icyitso no ku gifunga birangiriye aho. Burugumesitiri ati ahubwo nigiriye ku cyitso Mutuyeyezu Noheri mu kize buriya buturage bwihaye kugota inzu yea 5/10/90 nabyo yarabyanze ngo ayo ni amakabyankuru yo mu Rwanda. Kare kare yifatiye imodoka ngo agiye i Gisenyi, abasirikare nibo bamugaruriye mu nzira. Kuri iyo tariki abantu biriwe ari urujya n'uruza kubera isoko rya Birembo ryiriwemo kuva mu gitondo kugeza saa kumi ibyo akaba yarabikoreye kugira ngo bya bi nyenzi biri kwa wa mucuruzi Noheri wo mu Birembo, bitoroke. Kuri yo tariki nka saa tanu yakoresheje inama y'abakonseye, dukurikije ibyabaye umuntu avuga ko yabiyamaga gusaka ku batutsi bakekaho imbunda, none se ko muri iyo nama abarezerivisiti bari baturutse mu Mutara ko bamusabye kujya gusaka ku batutsi: Sumutakirwa, Gasana, Maritini na Noheli bakekwagaho imbunda, ntiyabahaye igisubizo?

Ubabajije bakakunyuriramo warira. Nyamara se bariya bose induru y'abaturage imaze kuba ndende, parquet ya Kabaya ntiyaje gusaka tariki ya 6/10 nubwo bari baburiwe bwose, ikabajyana?! Keretse Noheli niwe Burugumesitiri yakoze amanywa n'ijoro, agomba aburijemo ifatwa rye?! Nuko se uti uriya mutegetsi yatunguwe gute? Erega nawe ubwe yararashe! Umuturage w'isari wacitse ukuguru ubutegetsi bamusanze iwe niwe wakubarira. Yewe ga Kanguraaa!!

Umucuruzi Nkiko Palône asimbutse urusasu rwa Nzabanita incuro eshatu kuva muri 82, dosiye ze zose Nkubito Alphonse yazimize bunguri Hanyurwimfura ubu ni masikini kubera inkoni za Nzabanita n'imodoka ye yahagaritswe mu mihanda ya Ramba muri 86 dosiye ye RMP N° 62736 Progéral Nkubito yayikarashije sans suite! Se wagize ngo Nkubito we ni uwa none! Kiriya cyanywa cye nticyakujijwe n'ubusa. Umuturage Sekaruhije yapfakaye tariki ya 9/5/1988 umugore we Nyirandengeyinka yishwe urwo atararanye na Zilikana na Bwalikera (abapolisi) bahagarikiwe na Shebuja, dosiye RMP N° 65661 K bya ngo nayo yayikarashije sans suite.

Kangura se urabona ko tutari ku ngoyi??? Umutegtsi Nshunguyinka we yarashekeje. Sekaruhije abonye bimuyobeye yandikiye Perezida, ahaye Kopi perefe na sous/préfet; irebere nawe uko Nshunguyinka yamusubije. Ese koko ni kuriya Perezida Habyarimana yarigusubiza uriya muturage warenganye?? Ngaho Mujyanama umva ko ari ugushaka kubasebya, urabona ukuntu wahotoye abanyeramba? Ubucamanza bwe ni ubwo gusubirwamo!

Amahoro mwese.

## UMUGORE NI UW'UMURYANGO.

— Umugore utakumenya uri umugabo we, ahora akuryarya, ntamenye Nyoko na So, bashiki bawe na bene Nyoko n'aba gukomokaho, ntatume bagukandagirira mu rugo cyangwa ngo ugire icyo ubaha, ahubwo akikundira basaza be, inshuti ze na bene wabo gusa akabamarira umutungo wawe naho abawe barapfuye urupfu, barabuze uko biga, habe n'akazi k'ubuzamu; uwo mugore urata ubwiza, mukabana agucungira ku mubare gusa ategereje kuzaguta mu mwobo, uwo mugore aho ntiyarakwiriye gufatirwa imigambi? n'ikcyo bita «*Séparation de biens*»

«*L'amour est un commerce arageux qui finit toujours par une banqueroute; et c'est la personne en banqueroute qui est déshemparée*».

## UMUGABO NI UW'UMURYANGO.

— Umugabo wibagirwa abamukomokaho, ahubwo agakiza gusa baramu be na baramukazi be, abashakira amashuri, akazi, abagurira amamodoka n'amazu ngo araharanira ubwiza bw'umugore we cyangwa ibiro bye, uwo mugabo umuryango we ntuba waramuhombye? Ese ubwo bwiza bureha umugabo mu marebo uwabureka byamutwara iki? Ko ubwiza buba ku mutima!!

— *Qu'est-ce qui une maîtresse? «une femme près de laquelle on ne se souvient plus de ce qu'on sait par coeur».*

*S.A.*

*Umusomyi wa KANGURA*

KA02 1273

KA021273

# IBYA S.G.P. BYARAFUTUTSE — L'AFFAIRE S.G.P. EST CONCLUE.

*Umusogongero*

**MURI S.G.P. NTA MAKIMBIRANE AGIHARI.**

Muzi ko muri Kangura nº 10 twabagejejeho ukuntu ibya SGP byari byajemo igihu, abanyamuryango bayo KAREMERA Boniface, HABARUSHAKA Karawudiyani, RYEZEMBERE Fulgence na BIREKERAHO Gervais na SABAKUNZI François biyemeza muri iyi nyandiko batugejejeho kurangiriza ikibazo cyabo mu ishyirahamwe ryabo.

Mu nama bagiranye bose hamwe (Sabakunzi utari uhari yari ahagarariwe n'umugore we) biyemeje:

- Gusesa ibyemezo byafashwe n'inama y'ubuyobozi yo kuri 19/1/1991.
- No kuvana ibirego byabo byose mu nkiko cyangwa ahandi.
- Ni byiza rero ko ikibazo nka kiriya cyari gutuma ibya Petroli byari bigiye kuba amayobera mu Rwanda bitunganye ku bushake by'abafatanije.

Bariya bagabo barakoze rwosse kwiyunga nibyo ni abo gushimirwa no gushyigikirwa.

**Société Générale de Petroles, S.A.R.L. RC 212/KIG.**

Stauts publiés au Journal Officiel de la République Rwandaise nº 10 du 15 Mars 1983 tels que modifié et completés à ce jour notamment par l'acte notarié nº 7575, Volume CXLVII, publié au Journal Officiel du 1/12/1989.

**Extrait du procès-verbal de l'Assemblée générale extraordinaire du 16 et 17/02/1991.**

I. Liste des présences

| Noms et Prénoms | | Nombre de parts |
|---|---|---|
| Monsieur KAREMERA Boniface | : | 900 parts |
| Monsieur HABARUSHAKA Claudien | : | 475 parts |
| Monsieur RYEZEMBERE Fulgence | : | 375 parts |
| Monsieur BIEREKERAHO Gervais | : | 375 parts |
| Monsieur SABAKUNZI François, représenté par son épouse suivant procuration en annexe Mme NAKAZINA Sophie | : | 375 parts |

II. **Désignation du bureau de l'Assemblée générale extraordinaire**

Sont désignés à l'unanimité:
Président : RYEZEMBERE Fulgence
Secrétaire: BIREKERAHO Gervais
Scrutateur: BIZIMANA Assuman.

**Ordre du jour:**

1. Examen de la lettre dite de reprise des travaux de l'Assemblée générale extraordinaire adressée par Monsieur KAREMERA Boniface aux autres associés le 9/2/1991.
2. Examen de la lettre de HABARUSHAKA Claudien, président du conseil d'administration adressée à KAREMERA Boniface à propos de la tenue des Assemblées générales ordinaire et extraordinaire le 16/2/1991.
3. Modification des statuts de la S.G.P.
4. Examen de la décision de Conseil d'administration du 19/1/1991.

III. **Résolutions**

1. L'Assemblée générale extraordinaire adopte à l'unanimité l'ordre du jour que les associés ont proposé.
2. L'Assemblée générale extraordinaire, après avoir constaté que les deux premiers points inscrits à l'ordre du jour ont un rapport, décide de ne pas prendre en considération des deux lettres.
   Comme convocation de l'Assemblée générale extroardinaire. Puisque tous les associés sont présents ou représentés, ils consentent à l'unanimité à se réunir en Assemblée générale extraordinaire conformément à l'article 33 de la loi nº 06/88 du 12/2/1988 portant organisation des sociétés commerciales.
3. L'Assemblée générale extraordinaire annule les décisions du Conseil d'administration de la S.G.P. contenues dans le procès-verbal de sa réunion du 19/1/1991 et toutes les parties sont satisfaites.
4. L'Assemblée générale extraordinaire ordonne aux associés et aux administrateurs de retirer toutes les plaintes qu'ils ont déposé devant toutes les instances judiciaires dès lundi le 18/1/1991.
   a) Au Parquet de la République à Kigali:
   - Par KAREMERA Boniface contre HABARUSHAKA Claudien et BIREKERAHO Gervais pour faux et usage de faux.
   - Par les administrateurs HABARUSHAKA Claudien et BIREKERAHO Gervais contre le Directeur Général KAREMERA Boniface pour abus de confiance.

   a) Au Tribunal de Première Instance de Kigali

   Par les associés HABARUSHAKA Claudien et BIREKERAHO Gervais contre KAREMERA Boniface pour actif non inventorié.

   c) Ou ailleurs.
5. L'Assemblée générale extraordinaire décide à l'unanimité:
   - que tous les paiements doivent se faire par chèque bancaire;
   - que pour les retraits sur les comptes de la S.G.P. deux signatures sont autorisées dont celle du Directeur Général et celle d'un agent de la société pour un montant inférieur ou égal à trois cent mille francs rwandais (300.000 Frw); deux sigantures sont autorisées dont celle du Directeur Général et celle d'un Administrateur sans limitation;
   - qu'un relevé détaille mensuel de tous les chèques tirés doit être établie et transmis à tous les administrateurs;
   - que pour toutes les opérations bancaires, la signature du Directeur Général reste inchangée.

Fait à Kigali, le 18 février 1991.

**Le Bureau.**

**Président :**

RYEZEMBERE Fulgence.
(sé)

**Secrétaire.**

BIREKERAHO Gervais.
(sé)

**Acte notarié numéro dix mille cent cinquante-trois, Volume CXCIX.**

L'an mil neuf cent quatre-vingt-onze, le dix-huitième jour du mois de février, Nous, KABALISA Palatin, Notaire Officiel de l'Etat Rwandais, étant à Kigali et y résidant,

KA02 1274

KA021274

certifions que l'acte dont les clauses sont reproduites ci-avant Nous a été présenté par :

- Mr. HABARUSHAKA Claudien, agent de l'Etat au Ministère de l'Intérieur et du Développement Communal, résidant dans la Commune de Kacyiru, Préfecture de la Ville de Kigali.
- Mr. BIREKERAHO Gervais, commerçant, résidant dans la Commune Nyarugenge, Préfecture de la Ville de Kigali.
- Mr. RYEZEMBERE Fulgence, agent de la Bralirwa, résidant dans la Commune Rubavu, Préfecture de Gisenyi.
- Mr. KAREMERA Boniface, Directeur Général de la Société Générale de Pétroles, résidant dans la Commune Kicukiro, Préfecture de la Ville de Kigali.
- Mr. SABAKUNZI François, représenté par son épouse Mme NAKAZINA Sophie, résidant dans la Commune Kicukiro, témoins instrumentaires à ce requis et réunissant les conditions exigées par la loi.

En présence de HARUWERA Ezéchias, comptable, résidant dans la Commune Nyarugenge, et NKURUNZIZA François-Xavier, agent de la Société Générale de Pétroles, résidant dans la Commune Kicukiro, témoins instrumentaires à ce requis et réunissant les conditions exigées par la loi.

Lecture du contenu de l'acte ayant été faite aux comparants et aux témoins, les comparants ont déclaré devant Nous et en présence desdits témoins quel'acte tel qu'il est rédigé renferme bien l'expression de leur volonté.

En foi de quoi, le présent acte a été signé par les comparants, les témoins, et Nous, Notaire, et revêtu du Sceau de l'Office Notarial de Kigali.

**Les comparants.**

HABARUSHAKA Claudien; (sé)
BIREKERAHO Gervais: (sé)
RYEZEMBERE Fulgence: (sé)
KAREMERA Boniface; (sé)
SABAKUNZI François. (sé)

**Les témoins.**

HARUWERA Ezechias ; (sé)
NKURUNZIZA François-Xavier. (sé)

**Le Notaire.**
**KABALISA Palatin.**
**(sé)**

**Droits perçus:**

**— Frais d'acte: mille huit cents francs** rwandais (1.800 Frw)
Enregistrés par Nous, KABALISA Palatin, Notaire Officiel de l'Etat Rwandais, étant à Kigali et y résidant, sous l'acte authentique nº 10.153, Volume CXCIX, du dix-huit février 1991, perçus suivant quittance nº 116930/B du 16 février 1991, délivrée par le Comptable de la Préfecture de Kigali.

**Le Notaire.**
KABALISA Palatin.
(sé)

**— Frais d'expédition**: deux mille cents francs rwandais (2.100 Frw). Pour une expédition authentique suivant quittance nº 116930/B du 16 février 1991, délivrée par le Comptable de Préfecture de Kigali.

**Le Notaire.**
KABALISA Palatin
(sé)

**Procuration**

Je, soussigné, SABAKUNZI François, Administrateur-associé à la S.G.P., autorise par la présente, Mon épouse NAKAZINA Sophie à me représenter dans les réunions des Assemblées générales ordinaires et extraordinaires des actionnaires de la S.G.P. ainsi qu'aux réunions du Conseil d'administration de la S.G.P.

# NGUCIRE UMUGANI : HABAYEHO GUVERINERI WARI UFITE IBANGA YIHARIYE.

Muri ibi bihe igihugu cyacu gihanganye n'umwanzi inyenzi-nkotanyi n'ibyitso byazo, turagusaba kudatinya, komera, komeza uvumbure ibivumbitse, komeza urwanishe ukuri, uharanire kutarenganya nk'uko tubikuzihò. Wibuke wa munyabwenge wavuze ati isi irazenguruka... wibuke aho inyenzi-nkotanyi impuha n'ibinyoma bizigeze. Twese rero duharanire kuvugisha ukuri. Uwashaka kwigenzurira iki n'iki agasanga ari ukuri kwambaye ubusa.

**Reka rero ngucire umugani.** Hashize imyaka n'imyaka twifitiye umu milita, ariko ibye biragenda birushaho kuyoberana.

Mu minsi yashize hari abategetsi bigeze kugera ino, umwe yongòrera umutware wacu ati nshaka kwihagarika; undi ati ikinge aho ku masipure, hano kuva nahagera nta W.C. ihaba! Ababibonye bose bifata ku munwa, bati iyaba Muganza akiri Minisanté aba agutegetse kuziyora. Kandi n'uwo mubyeyi umaze imyaka irenga icumi mu nzu itagira umusarane akamushakira umwanya umukwiye.

Bati ese ntitwumva buri munsi bamuvuga ibigwi kuri radiyo rwanda ngo yagiye kureba isuku n'imisarane mu baturage? Kuki adahera ku biro bye? Abandi bari aho iruhande bati muceceke Mitterand atabaterebura.

Bukeye haba inama; ati baturage banjye, hano dufite imodoka y'ikamyo Muvoma yanyihereye, ariko ntihakagire uyikoraho kugira ngo idasaza. Abari aho barahuma, bakoma amashyi bubitse imitwe. Hari umwe winkundakuri, ati milita guverineri w'intara, imodoka ntibereyeho gukoreshwa, ikunguka, igasaza ariko yarakoze, aho gusaza itarakoze ari ukubora gusa? Ahubwo ni ukureba uko abantu bajya bayikodesha ikagirira abaturage akamaro, ikazamura n'umutungo w'intara. Ati ashwi da! Ayo mafaranga sinabona aho nyashyira, kandi ibyo ntibibareba.

Yungamo ati ndabamenyesha kandi ko nafunze amaterefone yose kugira ngo mutamenya ibibera mu Rwanda! Abategetsi bo hejuru icyakora, ubanza baramubwiye bati sigaho! Uwo niwo mutekano wawe, harya wishe agasozi! Waba warumvise ko muri Byumba na Ruhengeri habera intambara baba barakoze ayo marorerwa! Mu gusubiza ati ibyo muvuga byose, intara ni iyanjye. Ahaa! n'intambara yo muri Irak ko tuyikurikira ra!

Guverineri ati ikindi, ndabamenyesha ko n'ikibuga cy'indege nahagaritse mo bisi, amabuye, ingiga z'ibiti n'ingunguru kubera umutekano. Abari mu nama bati uwuhe mutekano? Arabasubiza ati ibyo ntibibareba. Hari uwajujuye ati ariko uwareba neza yasanga uyu mubyeyi hari icyo apfana n'ibyitso by'inyenzi-nkotanyi. Ibyo bizwi neza n'indege ya Air Rwanda yamaze amasaha n'amasaha mu kirere yabuze aho yagwa nuko igasubira ku Gisenyi.

Milita guverineri asoza inama atyo, yifatira i pajero inyenzi zatumye agabirwa, aritahira. Aho abantu bari bari batigenda wifitiye ibanga ryawe wihariye!

*INGALIGALI J. Baptiste*
*Gishoma-Cyangugu*

KA02 1275



# NTA MPONGANO Y'UMWANZI!

KA021275

Kangura we! Nzinduwe no kugushyigikira kuva watangira kwandika, byaragaragaye ko witangiye igihugu, uharanira ukuri, cyane cyane witanga utizigamye ngo urengere imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda. Ni wowe wafashe iya mbere, wamagana kandi ugaragaza urwobo twari tugiye kugushwamo (nako twagushijwemo) n'inyangarwanda.

Birababaje rero kubona ukuntu witangiye gutahura imigambi y'abanzi bacu no kugaragaza ibyitso byazo, aho gushishikarira kubihiga no kubigwa gitumo, ahubwo bikaba ari byo bishaka kuguhitana. None se ubu ntibigaragara ko ibyitso bikiri mu nzego zose? Duhereye igihe watakiye iyo bakumva, amaraso zamennye y'Abanyarwanda aba yaramenetse kuriya? Iyo bihutira biriya byitso byo mu Ruhengeri, biba byarabonye buriya buryo bwo kutumenera amaraso? Reka bazongere batere n'ahandi! Aho ntibazibuka gutereka basheshe?

## NYAMARA UMUTI URI HAFI

1) Ni uko abatutsi bose b'inkunda-rwanda bava ku cyizere (cy'abadutera) bagahagurukira ko ubwabo gutungira agatoki bene wabo bose b'ingambanyi bagashyikirizwa ubutegetsi, nabwo bugasuzumana ubwitonzi abo bantu abafashweho icyaha bagahanwa. Ibyo bakabikora batababarira ko ari bene wabo cyangwa bafitanye amasano, maze ukareba ko amahoro atagaruka.

2) Ko abahutu b'inkunda-rwanda nabo batoratora ingambamyi zose z'inda nini n'abandi bose bagahanirwa icyo cyaha nta mbabazi, bityo u Rwanda rugasigaramo abarukunda aribo bana barwo nyakuri bakareba ko tudasubira muri paradizo yacu Rwanda nziza.

3) Abategetsi nabo ubwabo bakwiye kuva ku izina, bakavamo ibyitso, kuko bamwe muri bo ntawabashira amakenga. Uzi uwo bavuganye ibibangamiye umutekano wese akamuvuga, bakava kuri kiriya cy'ubwoba kiduheza mu ntambara. abafashwe by'ukuri bakabakurikiza bene wabo kwa Nyamuzinda nta gutitira, izo nyanga birama zose zikatuvamo burundu, mwareba ko intambara itarangira. Abadutera nabo ntibakongera kuko batamenya iyo berekeza ino bonyine, twakomeza kubaha ku rwibutso rw'i Matimba.

Naho iby'amoko, ndahamya rwose ko abakunda by'ukuri urwababyaye, badafite umutima wo kuvangura amoko, kuko nubu bigaragara iyo bamwe baremye udutsiko two gushyigikirana dore ko ngo bagitegereje amizero mahire, hari bamwe (bene wabo) babitarura, bababajwe nka rubanda rwose n'iyi ntambara. Abo rero nibaduhe umuganda wo gutungira agatoki ubutegetsi utwo dutsiko, abo bategetsi nabo (bijonjoyemo ibyitso) bavangure, maze kandi bareke gukomeza kutwereka indege ngo abo nabo baducike, bajya gukomeza kongera umubare w'inkotanyi zo hanze.

Maze rero bariya ba nyoninyinshi bigize ibyitso komeza ubagaragaze wowe ijwi ry'abakunda u Rwanda bose. Ubundi se, ni nde wundi wari warigeze kugeza ahawe?

Dore ubu bakugeze aho bari bageze Yezu mu mitegeko yabo! Nawe dore ko atari yaroshye mu kuvugisha ukuri! Maze nubona akanya, uzereke S.C.R. n'ibyitso bituramye mumujyi wa Kigali no mu nkengero zawo! Biturimo turaturanye! Uzaze unyonyomba tuzakwereka abo dukeka maze nawe wikurikiree.

Imana ikurinde ababisha.

*Umusomyi wa Kangura*

---

*Kabgayi, le 25 janvier 1991.*

*A Monsieur le Directeur de Kangura*
*B.P. 1312 Kigali.*

*Monsieur le Directeur,*

*Fidèle lecteur de votre bimensuel que j'apprécie personnellement malgré certaines lacunes criantes, j'ai été franchement indigné de voir mon nom figurer sur la liste des candidats à la dilation publique. Cfr. Kangura n° 8, p. 7.*

• *Je tiens à vous affirmer que de ma vie d'homme, je n'ai jamais mis les pieds à Kampala.*

• *Que j'aille de temps en temps au Burundi (pas seulement à Bujumbura !) rien d'étonnant dans le cadre de mon travail qui m'oblige à visiter régulièrement les Communautés de Frères Joséphites partout où elles se trouvent.*

*Dès lors, je vous pose une question : Où voulez-vous, en venir par des insinuations perverses et vos incessants appels à l'opinion publique, cette funeste méthode que vous semblez ériger en règle d'information et de formation du peuple rwandais... Quelle ironie qui rappelle ceux qui Platon fustigeait jadis sous le nom de «marchands d'illusions»!*

*Si vous voulez vous rendre crédible et faire crédit à votre bimensuel, je vous prie de publier cette lettre et présenter à la fois dans le prochain numéro de Kangura vos propres excuses. Sinon je serai obligé de vous traduire en justice. Ma réputation étant bafouée, je ne vois aucun autre recours.*

*Frère MUNYANSHONGORE Martin*
*Supérieur Général des Frères Joséphites*
*B.P. 37 Gitarama.*

**Rero Muvandimwe, nta kwijundika Kangura!**

Muvandimwe rero, *Kangura* kugushyira mu rwandiko yandikiye iperereza, yagira ngo ibyawe bisuzumirwe hafi kuko byari bimaze kugaragara ko utari shyashya, naho kuvuga ngo uzajya kurega *Kangura*, nakugira inama ko mbere yo kurega abanditsi bayo wabanza ukarega agatsiko ka MUNYAMBARAGA ka gushinje mu iburana. Uzabanze uhakane ibyo MUNYAMBARAGA akuvuga ho kandi agushinja maze ubone wijundike *Kangura*!

*La Rédaction.*

KA02 1276

KA021276

# (SONDAGE OPINIONS) KU BAGIZE KOMITE NYOBOZI YA M.R.N.D.

**Turasaba abasomyi ba KANGURA kudusubiriza ibi bibazo byose kuri uru rupapuro nyuma bakarutwoherereza kuri iyi aderesi :**
**Ubuyobozi bwa KANGURA**
**B.P. 1312 Kigali**

N.B. : Kuri buri kibazo hagomba igisubizo kimwe **Yego** cyangwa **Oya**.

| | 1. Ese urabona imikorere ye izamura igihugu. ikarengera rubanda rugufi itaruryamiye ? | 2. Mu kurikije akazi ashwinzwe, mubona yita ku majyambere y'abaturage b'icyaro bihagije ? | 3. Uratekereza se ko yaba yaragambaniye u Rwanda muri iyi ntambara na mbere yaho ? | 4. Urifuza se ko yakomeza kuba mu bayobozi ba MRND ? | 5. Ese urumva arambiranye muri Komite Nyobozi ya MRND? | 6. Ese urifuza ko Leta yamushinga indi mirimo ikomeye ? | 7. Ese urabona azashobora guhangana na politiki tuganamo y'amashyaka menshi ? | 8. Ese imibanire ye n'ubusabane na rubanda rugufi baturanye imeza neza ? | 9. Ese urabona yaranyereje umutungo w'u Rwanda ? | 1). Ese murabona azashinga ishyaka rye bityo akava no muri M.R.N.D. ? |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. HABIMANA Bonaventure | Yego | | | | | | | | | |
| 2. NTEZILYAYO Siméon | | | | | | | | | | |
| 3. NTASHAMAJE Antoine | | | | | | | | | | |
| 4. MUGEMANA J.M.V. | | | | | | | | | | |
| 5. SINDIKUBWABO Théodore | | | | | | | | | | |
| 6. SERUBUGA Laurent | | | | | | | | | | |
| 7. RWAGAFILITA P.C. | | | | | | | | | | |
| 8. NSHUNGUYINKA François | | | | | | | | | | |
| 9. MBANGURA Daniel | | | | | | | | | | |
| 10. NTAMABYARIRO Agnès | | | | | | | | | | |
| 11. KARANGWA Fréderic | | | | | | | | | | |
| 12. RUZINDANA Augustin | | | | | | | | | | |
| 13. KARENZI P.C. | | | | | | | | | | |
| 14. NTAHOBARI Maurice | | | | | | | | | | |
| 15. BIZIMUNGU Casimir | | | | | | | | | | |
| 16. NYIRASAFALI Gaudence | | | | | | | | | | |
| 17. HABYALIMANA Jean | | | | | | | | | | |
| 18. KAREMERA Edouard | | | | | | | | | | |
| 19. NZIRORERA Joseph | | | | | | | | | | |
| 20. KAVARUGANDA Joseph | | | | | | | | | | |
| 21. NSEKALIJE Aloys | | | | | | | | | | |
| 22. RUSATIRA Léonidas | | | | | | | | | | |
| 23. NYIRABIZEYIMANA Immaculée | | | | | | | | | | |
| 24. NTIGULIRWA Benoît | | | | | | | | | | |
| 25. RUHIGIRA Enoch | | | | | | | | | | |

KA02 1277

KA021277

# SONDAGE/OPINIONS SUR LES MEMBRES DU COMITE CENTRAL DU MRND


5


1


2


3


4


17


6


18

## AHO ABAGIZE KOMITE NYOBOZI YA MRND BAZAHANGANA N'IBIHE TUGEZEMO!!!


7


19


8


20


9


21

Dukurikije itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda na Manifeste na Statuts za MRND, Komite Nyobozi niyo nyine ifite uruhare runini mu kuyobora politiki igihugu cyacu kigenderaho. Burya rero abayigize akenshi nibo imiyoborere myiza cyangwa mibi ya politiki ishobora guturukaho.

Kubera inkubiri y'umuyaga wa Politiki ishingiye kuri demokarasi isanzwe y'amashyaka menshi yageze hirya no hino ku isi, cyane cyane mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, ariko twe Abanyarwanda tukaba dusa n'aho twayiteguye kuko usanga imyifatire y'abategetsi mu Rwanda itarangwa ahanini n'agakabyo gateye isoni, twagiraga ngo turebe niba koko turi mu nzira nyayo. Inzira yazatugeza kuri politiki irushijeho kubera nziza abaturage.

Ni muri urwo rwego KANGURA yongeye kubagezaho ibibazo (sondage, opinions) nk'uko mwagiye mubibona muri Kangura nimero ya 3 na nimero ya 4 z'umwaka ushize, itegereje ibisubizo byanyu — oya cyangwa yego. Tuboneyeho rero kubibutsa ko mu Rwanda ubutegetsi ari ubw'abaturage, butangwa n'abaturage kandi bugakorera abaturage.

None muturage nshuti ya Kangura, turagusaba kutubwira icyo uzi ku myifatire, ndetse binashobotse n'ibitekerezo ufite ku bagize Komite Nyobozi ya MRND. Ubwo uzajya ugira icyo uvuga kuri buri zina.


10


22

### Dore amazina y'abagize Komite Nyobozi ya MRND.

1. HABIMANA Bonaventure
2. NTEZILYAYO Siméon
3. NTASHAMAJE Antoine
4. MUGEMANA J.M.V.
5. SINDIKUBWABO Théodore
6. SERUBUGA Laurent
7. RWAGAFILITA P.C.
8. NSHUNGUYINKA François
9. MBANGURA Daniel
10. NTAMABYARIRO Agnès
11. KARANGWA Fréderic
12. RUZINDANA Augustin
13. KARENZI P.C.
14. NTAHOBARI Maurice
15. BIZIMUNGU Casimir
16. NYIRASAFALI Gaudence
17. HABYALIMANA Jean
18. KAREMERA Edouard
19. NZIRORERA Joseph
20. KAVARUGANDA Joseph
21. NSEKALIJE Aloys
22. RUSATIRA Léonidas
23. NYIRABIZEYIMANA Immaculée
24. NTIGULIRWA Benoit
25. RUHIGIRA Enoch


11


23


12


24


13

14



15



16




25

KA02 1278



السيد الرئيس
محمد حسني مبارك

**Son Excellence Monsieur MOHAMED Hosni Moubaraki**
**Président de la République d'Egypte.**

**L'Homme de la Paix**
**L'Ami fidèle du Rwanda**

رجل السلام
والصديق الوفي لرواندا

PHOTOCOMPOSITION, PHOTOGRAVURE, MONTAGE, IMPRESSION ET FAÇONNAGE
RÉALISÉS PAR LA RÉGIE DE L'IMPRIMERIE SCOLAIRE
KIGALI RWANDA